

REPUBLIKA Y'U RWANDA



UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE

Inyoborabagenzuzi muri Gahunda
Mbonezamikurire y'Abana Bato



UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE

**Inyoborabagenzuzi muri Gahunda
Mbonezamikurire y'Abana Bato**



© 2025 Imbuto Foundation, NCDA, REB & LODA

Biremewe gukoresha iyi mfashanyigisho mu nyungu za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, hatagamijwe ubucuruzi. Ni ngombwa kugaragaza nyirayo igihe cyose yifashishijwe. Uwifuza gutubura iyi mfashanyigisho asaba uruhushya NCDA, akamenyesha Imbuto Foundation.

IJAMBO RY'IBANZE

Barezi, Babyeyi,

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni serivisi zikomatanijye zihabwa abana kuva bagisamwa kugeza bagize imyaka 6 ndetse n'ababarera. Abanyarwanda tubyumva vuba kuko mu mibereho yacu, kwita ku bana si bishya! Murabizi neza ko mu mucu wacu umugore utwite yubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kurinda umwana atwite.

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki cyiciro ni uko ari ho ubwonko bw'umwana bukura kandi ku rwego rwihuse. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ku myaka 3 ya mbere y'ubuzima, imukurire y'ubwonko iba igezweho ku kigero cya 80%. Ni igihe cyo kwitondera kuko iyo umwana atitaweho muri iyo myaka bigora kuba wabigarura. Nyamara iyo yitaweho neza aba abonye ireme fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, yigirira icyizere, akarangwa n'imyitwarire myiza.

Mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato, abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije, batozwa gukina no gusabana n'abandi bana binyuze mu mikino yabugenewe ituma ubwonko bukanguka. Bategurwa kandi kwinjira mu cyiciro cy'amashuri abanza aho biga kuvugira mu ruhamu, gusoma kwandika n'ibindi. Turasaba ababyeyi muri rusange gutanga umusanzu wabo muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato uko bashoboye bibuka neza ko *"Ak'imuhana kaza imvura ihise"*.

Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagaragaza mu bikorwa bitandukanye bya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato hagamiywe guhindura imibereho myiza y'Abanyarwanda, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo. Turusheho kwita ku bana bacu tubaha uburere bwiza buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere ari na byo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.



SHAMI Elodie

Umuyobozi Mukuru wa Imbuto Foundation

GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguriwe abashinzwe ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato.

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni uruhurirane rwa serivisi zikomatanijye zihabwa umwana n'umubyeyi, kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu, hagamijwe imikurire myiza, mu bwenge, mu gihagarago, imikorere myiza y'umubiri, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

Imfashanyigisho zifite ireme ni umusingi w'ingenzi mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho mu rwego rwo kongerera ubushobozi no kuyobora abafite ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire mu nshingano zabo.

Guverinoma y'u Rwanda, mu cyerekezo 2050 ifite intego yo kubaka ubushobozi bw'umuturage binyuze mu guteza imbere ubumenyi no kugira ubuzima bwiza nk'umusingi w'iterambere rirambye.

Ni muri urwo rwego, Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) gishimishijwe no gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo yunganire abafite ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire mu nshingano zabo.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Imbutu Foundation, Banki y'Isi, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rwabo rukomeye mu gutegura iyi mfashanyigisho.

Turashimira kandi inzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato, bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu gihe cy'ubushakashatsi bwadufashije kumenya iby'ingenzi bikenewe iyi mfashanyigisho yashingiyeho.

Tuboneyeho kandi no gushimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byatumye iyi mfashanyigisho inozwa kurushaho.

Turasaba abo igenewe kuyikoresha neza, hagamijwe kuyibyaza umusaruro witezwe.

INGABIRE Assumpta
Umuyobozi Mukuru



Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana- NCDA

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	iii
GUSHIMIRA	v
ISHAKIRO	vi
IMPINE	viii
INTANGIRIRO	ix

UMUTWE WA MBERE: IBYICIRO BY'INGO MBONEZAMIKURIRE N'IBIPIMO NGENDERWAHO MU GUTANGA SERIVISE MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

1	1
1.1. Ibyiciro by'i Ngo Mbenezamikurire y'Abana Bato.....	1
1.2. Ibipimo ngenderwaho mu mitangire ya serivise Mbenezamikurire y'Abana Bato	3
1.2.1. Ibipimo ngenderwaho ku Ngo Mbenezamikurire zikorera mu muryango (Home -Based ECD).....	3
1.2.2. Ibipimo ngenderwaho mu Ngo Mbenezamikurire y'Abana Bato zicungwa n'abaturage (Community Based ECDs)	6
1.2.3. Ibipimo ngenderwaho ku Ngo Mbenezamikurire y'Abana Bato z'icyitegererezo n'izikorera ku mashuri	16
1.2.4. Ibipimo ngenderwaho mu kwemererwa gutanga serivise Mbenezamikurire y'Abana Bato	34

UMUTWE WA KABIRI: INSHINGANO Z'INZEGO Z'IBANZE MU MITANGIRE YA SERIVISE MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

37	37
2.1. Intangiriro	37
2.2. Inshingano k'urwego rw'umudugudu	38
2.3. Inshingano ku rwego rw'akagari	38
2.4. Inshingano ku rwego rw'umurenge.....	39
2.5. Inshingano ku rwego rw'akarere.....	39

UMUTWE WA GATATU: UBUJYANAMA, IKURIKIRANABIKORWA N'IGENZURABIKORWA MURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

41	41
3.1. Ibisobanuro by' amagambo y' ingenzi	41
3.2. Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akagari	42
3.3. Inama zirebana no gutanga ubujyanama buhoraho mu kazi	42
3.4. Ingengabihe y' igenzurabikorwa rihoraho muri iyi gahunda	44
3.4. Isuzuma riyihuse muri iyi gahunda	44

UMUTWE WA KANE: GUTEGURA NO GUTANGA AMAHUGURWA KU BAREZI N' ABAFATANYABIKORWA MURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

45	45
4.1. Isuzuma riyihuse ku mahugurwa akenewe.....	45
4.2. Ni akahe kamaro k'isuzuma riyihuse ku mahugurwa akenewe?	46

4.3. Ni nde ugomba gukora iri suzuma ku mahugurwa akenewe muri iyi gahunda?	46
4.4. Ni nde wungukira muri iri suzuma?.....	46
4.5. Intambwe zo gukora isuzuma ry' amahugurwa akenewe	46
4.6. Inama mu gutegura no gutanga amahugurwa agenewe abantu bakuru.....	48
4.6.1. Inama n'amahame agenga amahugurwa no kwigisha abantu bakuru.....	48
4.6.2 Inama z'ingenzi mu gutegura amahugurwa	49
4.6.3. Inama z'ingenzi mu gihe cyo gutanga amahugurwa.....	50
4.6.4. Inama zirebana no gukurikirana ibyavuye mu mahugurwa.....	51
UMUTWE WA GATANU: IMICUNGIRE IRAMBYE Y'INGO	
MBONEZAMIKURIRE.....	52
5.1. Intangiriro	52
5.2. Inshingano za buri rwego n'abarugize	52
5.2.1. Inshingano z'inteko rusange n'abayigize	52
5.2.2. Inshingano za Komite Nyobozi y'Urugo mbonezamikurire Inshingano zayo n'abayigize	53
5.2.3. Inshingano za komite ngenzuzi n'abayigize	54
5.2.4. Inshingano za Komite Ngishwanama (Abajyanama) n'abayigize	55
5.3. Ibyitabwaho mu gushyiraho inzego z' imiyoborere y' urugo mbonezamikurire y' abana bato	55
5.4. Ibikorwa ababyeyi n'abaturage bagiramo uruhare.....	55
5.5. Amatsinda y'ababyeyi mu micungire irambye y'Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato.....	56
5.5.1. Akamaro ko gushinga amatsinda y'ababyeyi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato.....	56
5.5.2. Uko itsinda ry' ababyeyi rishingwa, imikorere yaryo n' imiterere y' ubuyobozi bwaryo.....	56
UMUTWE WA GATANDATU: IMICUNGIRE IRAMBYE Y'INGO MBONEZAMIKURIRE.....	59
6.1. Imikoranire hagati y'Ingo Mbonezamikurire y'Abana Bato zegeranye zikorera mu murenge	59
6.2. Imikoranire hagati y'Urugo Mbonezamikurire n' ishuri ribanza	61
6.3. Imikoranire y'Urugo Mbonezamikurire n'abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivisi Mbonezamikurire ku rwego rw'umudugudu.....	62
UMUTWE WA KARINDWI: GUTEGURA GAHUNDA Y' IBIKORWA NA RAPORO KU MITANGIRE YA SERIVISE MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO	65
7.1. Gutegura gahunda y'ibikorwa	65
7.2. Amakuru akenewe muri raporo ku mitangire ya serivisi Mbonezamikurire y'Abana Bato	72
7.3. Gukusanya amakuru akenewe no gutanga raporo ku ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato.	73

IMPINE

ADEPE	: Association pour le Development du Peuple
ECD	: Early Childhood Development. (Imbonezamikurire y'Abana Bato)
FXB-Sugira Muryango	: François Xavier Bagnoud-Sugira Muryango
IEE	: Inspire Educate Empower.
IZU	: Inshuti z' Umuryango
LODA	: Local Administrative Entities Development Agency. (Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze)
MIGEPROF	: Ministry of Gender and Family Promotion (Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'Umuryango)
NCDA	: National Child Development Agency (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana
NESA	: National Examination and School Inspection Authority (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri)
RBC	: Rwanda Biomedical Center (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima)
REB	: Rwanda Basic Education Board. (Urwego rw' Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze)
RWAMREC	: Rwanda Men's Resources Center.
VUP	: Vision 2020 Umurenge Program

INTANGIRIRO

Iyi mfashanyigisho igenewe abashinzwe ikurikiranaikorwa n'igenzurabikorwa rya Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato ku rwego rw'umurenge, yateguwe kugira ngo ibunganire mu kuzuza uko bikwiye inshingano zabo za buri muni.

Mu by'ukuri, ntibihagije kuba inyandiko y'ibipimo n'amabwiriza yarateguwe ikanatangazwa n'urwego rubifitiye ububasha : Ikigo cy'igihugu Gishinzwe Imikirire no Kurengera Umwana (2024), cyangwa kuba abarezi n'abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire ku rwego rw'ibanze barimo, Inshuti z'Umuryango, Abajyanama b'ubuzima n'abandi , barahawe amahugurwa ngo twizere ko serivisi Mbenezamikirire zitangwa uko bikwiye.

Ni ngomwa gukurikirana uko ibipimo n' amabwiriza byubahirizwa, uko abahuguwe bashyira mu bikorwa ibyo bahuguweho, ingorane bahura na zo n'uburyo bakoresha bashaka ibisubizo. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho igaragaza ibipimo ngenderwaho mu ngo mbozamikirire zikorera mu miryango, mu zisumbuye zicungwa n'abaturage n'iz'icyitegererezo, amabwiriza n'inama zitandukanye bifasha mu kunoza serivisi Mbenezamikirire y'Abana Bato.

Iyi mfashanyigisho igizwe n'imitwe irindwi (7) ikurikira:

- Umutwe wa mbere: ibyiciro by'ingo Mbenezamikirire n'ibipimo ngenderwaho mu gutanga serivise Mbenezamikirire y'abana bato
- Umutwe wa kabiri: inshingano z'inzeho z'ibanze mu mitangire ya serivise Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Umutwe wa gatatu: ubujyanama, ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa muri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Umutwe wa kane: gutegura no gutanga amahugurwa ku barezi n' abafatanyabikorwa muri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Umutwe wa gatanu: imicungire irambye y'ingo Mbenezamikirire
- Umutwe wa gatandatu: imikoranye hagati y' ingo Mbenezamikirire, n'abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivise

- Umutwe wa karindwi: gutegura gahunda y' ibikorwa na raporo ku mitangire ya serivisi Mbonezamikurire y'Abana Bato.

Iyi mfashanyigisho igaragaza kandi imigereka itandukanye igizwe n'ibi bikurikira: ifishi y'ikusanyamakuru yuzuzawa igihe umwana yakirwa, ifishi y'isuzumamikorere y'abarezi, ifishi y'ubugenzuzi bw'Urugo Mbonezamikurire kuri buri cyiciro cy'Urugo Mbonezamikurire, ifishi ya raporo, urutonde rw'ibiganiro bigenewe ababyeyi n'amategeko agenga imicungire y'amatsinda y'ababyeyi agamije kwizigama no gushora imari mu mishinga ibyara inyungu.

Ayobowe n'inama zikubiye muri iyi mfashanyigisho, ushinzwe ikurikirana n'igenzurabikorwa mu murenge azifashisha amafishi n'izindi nyandiko ziboneka mu migereka kugira ngo yegeranye amakuru azajya ashingirwaho mu kunoza ibikorwa na serivisi Mbonezamikurire y'Abana Bato.

IBYICIRO BY'INGO MBONEZAMIKURIRE N'IBIPIMO NGENDERWAHO MU GUTANGA SERIVISE MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO



1.1. Ibyiciro by'ingo Mbenezamikurire y'abana bato

- a. **Irerero/Urugo Mbenezamikurire y'ibibondo n'ibitambambuga (Day Care ECD Facility):** Ni ahantu hafite umutekano wizewe, ababyeyi basiga abana babo bari muni y'imyaka itatu(3) mu gihe bagiye mu mirimo yabo isanzwe ya buri muni, kugirango bahaherewe serivisi Mbenezamikurire mu buryo bukomatanyije ari zo: imirere, gukangurwa ubwonko binyuze mu mikino n'umushyikirano bagirana n'ababarera, gukurikirana ubuzima bwabo, isuku, bakarindwa icyabahungabanya(kurindwa no kurengera umwana), ababyeyi babo bagahabwa ibiganiro ku burere buboneye no kwita ku mwana buri kwezi . Iyo habaye impamvu yumvikana ituma ibiganiro bigenewe ababyeyi bidatangwa buri kwezi, biba bigomba gutangwa nibura inshuro imwe buri gihembwe.
- b. **Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango (Home -Based ECD):** Ni urugo rutoranywa mu mudugudu hashingiwe cyane

ku mutekano w' abana, rugakoreshwa nk' ahantu ababyeyi batuye kure cyangwa batashoboye kubonera imyanya abana babo bafite kuva ku myaka itatu(3) kugera ku myaka itandatu (6) mu Rugo Mbenezamukurire rwo ku rwego rwisumbuye (Tuza kugarukaho), bajyana abo bana kugirango bahaherewe serivisi Mbenezamukurire mu buryo bukomatanyije, babigizemo uruhare, binyuze mu buryo bwo gusimbura mu kwita kuri abo bana, nk'abakorerabushake. **Icyitonderwa:** hari ubwo Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango rugira abarezi bunganira babyeyi mu gutanga serivisi ku bana babo. ibi tubisanga mu Ngo Mbenezamukurire y'Abana Bato zishamikiye kuri VUP, Inkingi y'imirimo yoroheje.

- c. Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage (Community-Based ECD):** Ni inyubako zari zisanzwe zifite ba nyirazo cyangwa ibindi bikorerwamo, zigahindurwa ahantu abana bato bari hagati y'imyaka itatu (3) n'itandatu (6) bahererwa serivisi Mbenezamukurire mu buryo bukomanyije. Iyo nyubako ishobora kandi kubakwa cyangwa kuvugururwa hagamijwe kuyigira Urugo Mbenezamukurire rwo kuri uru rwego. Uru Rugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage ubwabo hakoreshejwe imisanzu batanga mu buryo bemeranyijweho, n'ubwo rushobora kubona inkunga ya Leta cyagwa undi mufatanyabikorwa.
- d. Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rw'icyitegererezo (Model ECD center) :** Ni urugo rufite ibikorwa remezo, ibikoresho byose bikenewe n'abakozi babyigiyeye cyangwa babihuguriye, rugatanga serivisi Mbenezamukurire ku Bana Bato mu byiciro byose (kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu). Urugo Mbenezamukurire rw'icyitegererezo rufite kandi inshingano zo guhugura no kongerera ubushobozi abakozi, abakorerabushake cyangwa ababyeyi batanga serivisi mu Ngo Mbenezamukurire y'Abana Bato zavuzwe haruguru, kimwe n'abafatanyabikorwa muri Gahunda Mbenezamukurire y' Abana Bato mu karere rukoreramo. Mu gutanga serivisi Mbenezamukurire y'abana bari munsu y'imyaka itatu, Urugo Mbenezamukurire rw'icyitegererezo rukoresha abakozi barwo cyangwa rugakorana abakorerabushake barimo Inshuti z'umuryango (IZUs) n'abajyanama b'ubuzima (CHWs).
- e. Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera ku ishuri. (School-based ECD facility):** Ni Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rufite ibikorwa remezo, ibikoresho byose bikenewe n'abakozi babyigiyeye cyangwa babihuguriye nk'uko bimeze mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rw'icyitegererezo, ariko rwo rukaba rukorera ku ishuri ribanza cyangwa iryisumbuye. Rutanga serivisi Mbenezamukurire ku bana bafite kuva ku myaka itatu kugeza ku myaka itandatu (6) mu buryo bukomatanyije, aribyo: Gukangura ubwonko bw'umwana, gukurikirana ubuzima bw'abana ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivisi z'ubuzima by'umwihariko abajyanama b'ubuzima, imirire,

isuku, kurinda no kurengera umwana n'ibiganiro ku burere buboneye no kwita ku mwana, buri kwezi. Iyo habaye impamvu yumvikana ituma ibiganiro bigenewe ababyeyi bidatangwa buri kwezi, biba bigomba gutangwa nibura inshuro imwe buri gihembwe, bigahuzwaw n'inama y'abayeyi ku kigo.

1.2. Ibipimo ngenderwaho mu mitangire ya serivise Mbenezamikurire y'Abana Bato

1.2.1. Ibipimo ngenderwaho ku Ngo Mbenezamikurire zikorera mu muryango (Home -Based ECD)

❖ Ibipimo ngenderwaho ku miterere y'Urugo Mbenezamikurire

✓ Guhitamo aho urugo ruzakorera:

- Babifashijwemo n'inzeho z'ibanze cyane ku rwego rw'umudugudu n'akagari ku bufatanye n'abagize umuryango mugari muri rusange, ababyeyi ubwabo bahitamo urugo ruzatangirwamo serivisi Mbenezamikurire;
- Urugo rwatoranyijwe rwemezwa n'urwego rw'ibanze ku rwego rw'akagari;
- Ukuriye abarezi mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu muryango ni umwizerwa kandi kumuhitamo hashingirwa ku buhamya bw'abaturanyi n'ubushobozi bamubonamo mu kuyobora no guhagararira abandi;
- Umubyeyi umwe cyangwa bombi igihe bahari umugabo n'umugore basinyira ko bemeye ko urugo rwabo ruzajya rutangirwamo serivisi Mbenezamikurire ku buntu mu gihe kigenwe, kigaragazwa mu masezerano;
- Urugo rugomba kuba ruzitiye, rufite umutekano n'isuku kugira ngo abana bakine kandi bige neza kandi rufite amazi meza;
- Urugo rufite umusarani ufite isuku kandi uri ku kigero cy'abana;
- Urugo rufite igikoni gifite isuku;
- Inyubako z'urugo zubatse ku buryo bworohereza abafite ubumuga n'abandi bana bafite ibibazo byihariye.

❖ Ubuyobozi bw'Urugo Mbenezamikurire rukorera mu muryango

- Urugo rugira umurezi ukuriye abandi utoranywa mu bandi babyeyi baturutse mu miryango igize iryo tsinda ry'ababayeyi baharerera, cyangwa akaba umwe mu barezi bahawe akazi ko kunganira ababyeyi mu kurera abana nk'uko bimeze mu ngo Mbenezamikurire y'abana bato zishamikiye kuri gahunda ya VUP;
- Mu nyungu z' iterambere rirambye ry'Urugo Mbenezamikurire rukorera mu muryango, Urugo rugira komite igizwe n'aba bakurikira: Perezida, Visi perezida, umwanditsi ari nawe uba ukuriye abarezi cyangwa ukurikirana ibijyana n'imyigishirize n'umubitsi, bese batoranjwa mu babyeyi, hakiyongeraho abajyanama babiri bashobora gutoranywa mu babyeyi cyangwa hakabamo undi

babayeyi bemeranyaho ushobora no kuba adafite umwana mu rugo ariko kubera akamaro kihariye yagirira urugo haba mu buvugizi n'ibindi.

- Ingengabiye y'ibikorwa by'umunsi irahari kandi imanitse ahagaragara;
- Umubyeyi uyoboye abandi afatanyije n'abandi babyeyi bashyiraho gahunda y'uburyo ababyeyi bazajya basimburana mu guha abana serivisi Mboneyamurire;
- Buri munsi haba hari ababyeyi babiri bashinzwe gutanga serivisi Mboneyamurire;
- Abana bakirwa mu Rugo Mboneyamurire nta yindi mpamvu ishingiyeho uretse kuba bafite kuva ku myaka 3 kugeza kuti itandatu (6);
- Urugo Mboneyamurire ruha serivisi Mboneyamurire abana batarenze 15 baturutse mu ngo z'abaturanyi;
- Ababyeyi b'abana ari iyo ari nabo bigisha mu rugo Mboneyamurire y'aban abato rukorera mu muryango, bahabwa amahugurwa ku mitangire ya serivisi Mboneyamurire y'Abana Bato, mu buryo bukomatanyije;
- Amasaha make abana bamara mu rugo Mboneyamurire: Buri munsi guhera saa mbiri za mu gitondo kugeza saa sita zuzuye mu gihe nibura cy'iminsi itanu mu cyumweru;
- Hari igitabo cyangwa ikayi yo guhamagariramo abana baje;
- Inama z'ababyeyi ziterana nibura rimwe mu gihembwe;
- Inyandiko mvugo zose z'inama zakozwe zirabikwa.

❖ **Integanyanyigisho n'uburyo bw'imyigishirize mu rugo Mboneyamurire**

- Urugo Mboneyamurire rukoresha integanyanyigisho ku burere mu miryango, kimwe n'integanyanyigisho y'amashuri y'inshuke ishingiyeho ku bushobozi, yorohejwe ku rwego rw'ababyeyi n'abarezi mu Ngo Mboneyamurire y'Abana Bato zikorera mu muryango;
- Abarezi bahuguwe ku mikoreshereze y'integanyanyigisho y'amashuri y'inshuke n'iy'uburere mu miryango, yorohejwe mu rwego ku rwego rw'ababyeyi n'abarezi mu Ngo Mboneyamurire y'abana bato zikorera mu muryango;
- Abarezi bahuguwe ku buryo bwo gukora ibikinisho n'imfashanyigisho bakoresheje ibikoresho biboneka aho urugo ruherereye;
- Ababyeyi bahugurwa ku bijyanye no kuyobora ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize binyuze mu mikino, bifashishije ibikinisho byakozwe mu bikoresho biboneka aho Urugo Mboneyamurire ruherereye.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku buzima bw'abana mu Rugo Mboneyamurire**

- Umurezi akurikirana ko abana bafata inkingo uko biteganyijwe;
- Umujyanama w'ubuzima asura Urugo Mboneyamurire kugira ngo arebe ibibazo bijyanye n'ubuzima abana bafite nibura rimwe buri kwezi;

- Igihe hari ikibazo kivutse kijyanye n’ubuzima, umurezi cyangwa umubyeyi w’umwana aherekeza umwana ku ivuriro riri hafi;
- Mu gihe urugo rwakira abana bwa mbere, rufata amakuru ku bibazo bagiye bagira mbere yo kuza muri urwo Rugo Mbenezamukurire;
- Umurezi agenzura ko abana bafite ubwishingizi bwo kwivuzza;
- Urugo Mbenezamukurire rukorana bya hafi n’umujyanama w’ubuzima, Inshuti z’Umuryango, n’ubuyobozi bw’ibanze mu kugenzura ibijyanye n’ubuzima, ibiganiro bigenewe ababyeyi no kwiga gutegura indyo yuzuye buri kwezi.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mirire mu Rugo Mbenezamukurire**

- Urugo rufite igikoni gitegurirwamo igikoma cy’abana;
- Igihe abana bafata igikoma baba bakurikiranwa n’umuntu mukuru kugira ngo arebe ko nta wacikanywe kandi abatoze indangagaciro n’imyitwarire myiza ku meza;
- Abarezi bahuguwe ku bijyanye n’umutekano n’isuku y’ibiribwa;
- Abarezi bahorana isuku: gukaraba intoki kandi bapfuka imisatsi igihe bategura amafunguro;
- Abarezi bamenya abana bafite ibibazo bijyanye n’imirire bakabibwira ababyeyi kugira ngo bagire icyo babikoraho.

❖ **Ibipimo ngenderwaho mu kurinda umwana no kurengera umwana mu rugo Mbenezamukurire y’abana bato**

- Abarezi bahawe amahugurwa ku bijyanye n’ubuzima, umutekano w’abana mu kigo Mbenezamukurire;
- Umwana aherekezwa n’umubyeyi cyangwa umurera ajya ku rugo Mbenezamukurire n’igihe atashye;
- Urugo Mbenezamukurire washyizeho ingamba zo gukumira impanuka z’abana;
- Urugo Mbenezamukurire rwabitse numero za terefone z’ivuriro n’iz’ababyeyi zahamagarwa hari ikibazo kibaye;
- Abana bakurikiranwa n’umuntu mukuru igihe bakina;
- Ingarani (ikimoteri) bamenamo imyanda, icukuye kure y’aho abana bakinira.
- Ibyobo byose bicukuye mu rugo birapfundikiye ku bw’umutekano w’abana;
- Ibikoresho byose byateza abana impanuka/byabakomeretsa bibitse kure y’aho abana badashobora kugera;
- Umurezi agenzura ibikoresho by’imikino mbere y’uko abana babikoresha ku bw’umutekano wabo;
- Urugo rushyiraho ingamba zikumira abana kujya mu gikoni bari bonyine;
- Urugo Mbenezamukurire rurazitiye, rufite umutekano n’isuku ku buryo abana bakina kandi bakiga batekanye;

- Aho urugo rufite amashanyarazi, hashyirweho ingamba zo kurinda abana impanuka z'amashanyarazi.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mazi, isuku mu rugo Mbenezamukurire**

- Urugo rufite amazi meza ku buryo abarezi n'abana bakaraba intoki;
- Mu rugo hari amazi ya robine cyangwa ivomo rya rusange riri hafi bitarenze muri metero 500;
- Hari amazi meza yo gutekesha igikoma;
- Abana bambara imyenda ifite isuku;
- Urugo rufite umusarani ufite isuku, upfundikirwa kandi ujyanye n'ikigero cy'abana;
- Umusarani ukorerwa isuku ku buryo buhoraho;
- Hari igikoresho kigenewe kubika amazi yo kunywa gipfundikiye;
- Ibihuru n'ibyobo byarekamo amazi mu rugo byakuweho;
- Hari igikoresho cyo kumenamo imyanda kugira ngo imyanda itanyanyagira mu rugo hose;
- Bafite kandagira ukarabe.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku gushyiraho umurezi n'impamyabushobozi.**

Umurezi mu Rugo Mbenezamukurire agomba kuba yujuje nibura kimwe muri ibi bikurikira:

- Kuba yarize ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (O'Level), yaranahawe amahugurwa yimbitse ku Mbenezamukurire y'abana bato;
- Ahobora kuba yarize amashuri abanza (Primary Education) yaranahawe amahugurwa yimbitse ku Mbenezamukurire y'Abana Bato;
- Ahobora kuba afite uburambe mu kwita ku bana bato kandi yaranahuguwe na NCDA, Akarere cyangwa abafatanyabikorwa;
- Gutoranya umurezi mu Rugo Mbenezamukurire bikorwa n'ababyeyi ku bufatanye n'inzego z'ibanze ku rwego rw'umudugudu n'akagari.

1.2.2. Ibipimo ngenderwaho mu Ngo Mbenezamukurire y'Abana Bato zicungwa n'abaturage (Community Based ECDs)

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku hantu Urugo Mbenezamukurire ruherereye**

- Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage rugomba kuba rugerwaho n'umuhanda;
- Urugendo abana bakora kuva mu rugo kugera ku rugo mbenezamukurire ntirurenga metero 500;

- Umwana aza mu Rugo Mbenezamikirire akanataha aherekejwe n'umuntu mukuru;
- Aho Urugo Mbenezamikirire rucungwa n'abaturage rukorera hagomba kuba hazwi n'abayobozi b'inzego z'ibanze;
- Urugo Mbenezamikirire rucungwa n'abaturage rugomba kuba rufite ishuri ribanza hafi kugira ngo bitorohere abana bahiga kwimukira mu mashuri abanza.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku miterere y'ahantu Urugo Mbenezamikirire rukorera:**

- Mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage n'aharukikije hagomba kuba hafite umutekano, nta bintu byakwangiza ubuzima bw'abana abana bihari nk'ibintu bityaye cyangwa ibyatsi bihumanya;
- Ikibuga abana bakiniraho kirumutse nta mazi aretsemo;
- Ibyobo by'amazi byose bipfundikiye neza;
- Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage rufite ibikoresho bibikwamo amazi yo kunywa;
- Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage rufite ibikoresho bifata amazi y'imvura;
- Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage rufite amashanyarazi kugira ngo byorohye ikoranabuhanga mu myigishirize;
- Inyubako ntabwo ziheza abana n'abakozi bafite ubumuga;
- Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage rufite inyubako n'ibikoresho bidaheza (byorohereza uwo ari we wese kuhagera cyangwa kubikoresha).

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bijyanye n'ibyumba bitangirwamo serivisi zo gukangura ubwonko bw'umwana**

- Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage rufite nibura ibyumba bitatu (3) ku myaka itatu (3): umwaka wa mbere, umwaka wa kabiri n'umwaka wa gatatu;
- icyumba gitangirwamo serivisi gisukurwa buri muni, nta vumbi ririmo kandi gifite igikoresho bashyiramo imyanda;
- Ibyumba bitangirwamo serivisi bijyanye n'ikigero cy'abana: imyaka yabo, bitatse ku buryo bikurura abana bikabashishikariza gukora, bijyanye n'umuco w'aho Urugo Mbenezamikirire ruherereye;
- icyumba abana bahererwamo serivisi no gukiniramo gikoze neza, kirimo sima cyangwa kirakurungiyeye;
- Igisenge gisakaje amabati cyangwa amategura;

- Buri cyumba kifashishwa mu gukangura ubwonko bw'abana gifite amadirishya abiri ya metero kuri metero kugira ngo abana babone urumuri n'umwuka bihagije;
- icyumba gitangirwamo serivisi ntigifite ingazi (esikariye) kugira ngo byorohere abana bose kwinjira no gusohoka;
- Mu cyumba gitangirwamo serivisi harimo intebe n'ameza by'umurezi;
- Mu cyumba abana bahererwamo serivisi Mbenezamurire hari umwanya uhagije hagati y'intebe kugira ngo byorohere abana kwisanzura harimo n'abafite ubumuga butandukanye.
- Intebe n'ameza bijyanye n'ikigero cy'abana, biraramba, kandi bisize amarangi y'amabara atandukanye;
- Umusambi/umukeka uteguye mu ishuri kugira ngo abana bakorereho ibikorwa bitandukanye byo gusoma, kubara inkuru, n'indi mikino;
- Mu cyumba abana bahererwamo serivisi hari etajeri, akabati, udusanduku cyangwa ibindi bikoresho bikorwa mu kubika ibikinsho n'izindi mfashanyigisho;
- Buri cyumba abana bahererwamo gifite aho kumanika imipira, n'ibikapu by'abana;
- Imisambi/imikeka cyangwa ameza byifashishwa mu nguni z'imikino, hagategurwaho imfashanyigisho zijyanye n'insanganyamatsiko yigishwa kandi hagakorerwaho ibikorwa byo mu matsinda n'ibindi;
- Mu cyumba abana bahererwamo serivisi harimo ikibaho cyangwa ahandi hantu hagari ho kwandika;
- Ikibaho gitereye/gihera kuri cm 20 uvuye ku butaka kugira ngo abana bose bashobore kugikoresha;
- Mu cyumba abana bahererwamo serivisi hateganyijwe aho umwana ugize ikibazo yaryama bibaye ngombwa;
- Ibiryamirwa bigizwe n'umukeka cyangwa matora niba yaboneka ikaba itwikiriwe n'ikintu kidahitisha amazi cyangwa inkari, amashuka n'ikiringiti byo kwiyorosa;
- Aho kuryama hashashe neza kandi hari isima cyangwa harakurungiye kandi hasukurwa buri gihe.

❖ Igikoni

- Igikoni gisakaje amabati cyangwa amategura;
- icyumba cyo gutekera gifite nibura m2xm2 kandi hakoreshwa amashyamba ya rondereza;
- Aho batekera hahora hasukuye kandi hatunganyijwe;
- Igikoni gifite amazi meza;
- Igikoni gifite ibikoresho bogerezamo ibyombo;
- Ibikoresho byo mu gikoni bibikwa mu kintu gipfundikirwa;

- Ibikoresho bya purasitike ntabwo byemewe ku biribwa cyangwa ibinyobwa bishyushye cyane;
- Igikoni gifite ahantu ho kumukiriza amasahani, ibiyiko n'amakanya nyuma yo kubyoza.
- Igikoni kitaruye ibyumba abana bagererwamo serivisi n'imisarani;
- Igikoni gifite umwuka uhagije, urumuri ruhagije kandi gifite umuyoboro usohora umwotsi hanze;
- Hasi mu gikoni hacuritse buhoro kugira ngo byoroherewe amazi gutemba mugihe bahakorera isuku;
- Igikoni gifite ibikoresho bigenewe gushyiramo imyanda.

❖ Imisarani

- Imisarani y'abakobwa itandukanyijwe n'iy'abahungu hifashishijwe amagambo n'amashusho ku buryo byorohera abana kuyitandukanya;
- Abantu bakuru bafite umusarani wabo kandi urakingwa, abagabo bafite uwabo n'abagore uwabo;
- icyo bakingisha inyuma n'imbere gitereye kuri cm 60-80 uvuye hasi kugira ngo abana bashobore kuhagera biboroheye;
- Hari ishusho/ifoto cyangwa inyandiko yibutsa abana n'abandi bantu gukaraba intoki n'amazi n'isabune nyuma yo gukoresha ubwiherero;
- Igikarabiro cyangwa kandagira ukarabe biri ku kigero cy'abana kandi biri kuri cm 50 uvuye hasi.

❖ Aho gukinira hanze n'ibikinisho

- Urugo Mbonezamukurire rufite aho abana bakinira hanze;
- Hanze aho abana bakinira abarezi bagenzura ko ibikoresho by'imikino bitabuza abana kwinyagambura ku buryo abana bafite ubumuga bakoresha inyunganira ngingo zibafasha (urugero: abagendera mu tugare) bashobora gutambagira nta ngorane;
- Ibikoresho by'imikino yo hanze bifasha abana mu miyego itandukanye n'imukurire mu ngeri zose.
- Ibikoresho by'imikino byo hanze bijyanye n'ikigero cy'abana nk'imyicungo n'ibyo bagenderaho, inzego burira, ibyo banyuramo bunamyeye, n'ibindi;
- Hari ibikinisho byimukanwa bigizwe n'imigozi, imipira, amapine, ibiziga, n'ibindi;
- Ibikinisho bigomba kuba bitagira umwana biheza kubikoresha
- Aho abana basimbukira, aho bazamukira ku ngazi, aho bicungira hari itaka ryoroshye, umucanga cyangwa ibyatsi;
- Urugo Mbonezamukurire rugomba kuba rufite ikirundo cy'umucanga wo gukiniramo n'ibikoresho bitandukanye byo gukinisha bayora uwo mu mucanga;

- Urugo Mbenezamikurire rufite aho abana bakinira n'amazi bifashishije ibikoresho bitandukanye nk'amabase, ibikombe n'ibindi bituma bavumbura ibintu bitandukanye ku mazi;
- Uretse ibikinisho bigurwa byakorewe mu nganda, hari n'ibikinisho byakozwe mu bikoresho biboneka aho Urugo Mbenezamikurire ruherereye.

❖ Iyipimo ngenderwaho ku bikorwa by'ubuzima

- Abana kuva ku myaka 3- 6 basuzumwa hagamijwe kureba abafite cyangwa bafite ibyago byo kugira ibibazo by'ubukererwe mu mikurire cyangwa ubumuga bikozwe n'abajyanama b'ubuzima, cyangwa inzobere mu buzima zishobora kwifashishwa mu gihe bishoboka;
- Amafishi y'umwana harimo ifishi igaragaza umwirondoro w'umwana, ubuzima bwe, ifishi y'ikingira, terefone z'ababyeyi ndetse n'ibindi bibazo ababyeyi bazi ku mwana birahari;
- Ifishi y'ikingira yifashishwa mu gihe cyo kwandika umwana;
- Urugo Mbenezamikurire rufite inomeru za terefone z'umujyanama w'ubuzima zitabazwa bibaye ngombwa;
- Imiti yose abana bazanye mu Rugo Mbenezamikurire iba yaranditswe na muganga;
- Mu gihe hari ikibazo gitunguranye ku mwana, umurezi aherekeza umwana ku ivuriro riri hafi akabimenyeshya ababyeyi vuba. icyo gihe hagomba kuba hari undi mukozi usigara yita ku bana;
- Ababyeyi n'abarezi bashishikarizwa kugenzura ko abana bahabwa inkingo zose uko ziteganyijwe kandi ko bahabwa vitamini A n'imiti y'inzoka inshuro 2 ku mwaka;
- Urugo Mbenezamikurire rufite amakuru ku bana bafite ubwishingizi bwo kwivuzwa;
- Amabwiriza ajyanye n'uko abantu birinda indwara zandura, ibyorezo, gukaraba intoki aramanitse kandi aherekejwe n'amashusho abisobanura;
- Urugo Mbenezamikurire rushobora gufunga by'agateganyo mu gihe hari icyorezo, cyangwa indwara yandura bisabwe n'inzego z'ubuzima;
- Urugo Mbenezamikurire rwashyizeho amabwiriza ajyanye no kwita ku bana bafite ubwandu bw'agakoko gatera Sida kugira ngo hatezwe imbere uburezi budaheza, n'ahantu hatarangwa no gukomeretsa abana bafite ubwo bwandu;
- Ubuzima bw'abana bukurikiranwa n'umujyanama w'ubuzima;
- Urugo Mbenezamikurire rukorana cyane n'Inshuti z'Umuryango n'anabayobozi b'inzego z'ibanze kugira ngo umutekano w'abana ndetse n'imibereho myiza yabo byitabweho ku kigo no mu rugo;
- Minisiteri y'Ubuzima ibinyujije ku bajyanama b'ubuzima igenera abana imiti y'inzoka ku buryo buhoraho mu rugo Mbenezamikurire.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bijyanye n'imirire**

- Urugo Mbonezamikurire rufite igikoni gitegurirwamo amafunguro y'abana;
- Mu gihe cyo gufata amafunguro, abana bakurikiranwa n'umuntu mukuru kugira ngo arebe ko abana bose barya, arinde ko ibiryo byabaniga anabigishe imyitwarire ikwiye ku meza;
- Abatetsi n'abandi bafite aho bahurira n'ibiribwa bahorana isuku, bakaraba intoki bakanambara ingofero;
- Abatetsi cyangwa abandi bantu bafite aho bahurira n'ibyo kurya bahawe amahugurwa ku bijyanye no gutegura amafunguro afite isuku;
- Abarezi b'abana bafite imirire mibi bafashwa kubona indyo ikwiye hashingiwe ku kibazo bafite ndetse byaba ngombwa, abana bakoherezwa ku kigo nderabuzima kugirango bashobore kubona ubufasha bwo ku rwego rwisumbuye.

❖ **Kurinda umwana/ Ibijyanye n'umutekano w'umwana**

- Abakozi bose bahabwa amahugurwa ahoraho ku bijyanye n'ubuzima n'umutekano w'abana bibera mu kigo Mbonezamikurire;
- Aho abana bakinira hanze nta bikoresho bityaye bihari, ibyatsi bihumanya, amabuye cyangwa ibikoresho binyanyagiye;
- Ibikoresho by'imikino byo hanze nk'imyicungo n'aho bakinira mu mucanga bihora bisuzumwa kandi bikitabwaho kugira ngo hagenzurwe niba nta mpanuka byateza abana;
- Hari ibikoresho byakwifashishwa mu gihe habaye inkongi y'umuriro;
- Hashyizweho ingamba zo kurinda abana n'abarezi babo inkongi y'umuriro n'izindi mpanuka;
- Aho Urugo Mbonezamikurire gifite umuriro w'amashanyarazi, aho bacomekera ibikoresho hari ibikoresho byabugenwe bidatuma abana binjizamo ibintu uko biboneye;
- Nta nsinga z'amashanyarazi zashishutse zigaragara;
- Hari agasanduku k'ubutabazi bw'ibanze n'imiti ibamo bibikwa kure aho abana bategera;
- Ibiri mu gasanduku k'ubutabazi bw'ibanze bigenzurwa buri gihe bigasimbuzwa bibabye ngombwa;
- Abatanga serivisi z'i Mbonezamikurire bose bahuguwe ku bijyanye no gukoresha ibiri mu gasanduku k'ubutabazi bw'ibanze n'uburyo bakwitwara mu gihe abana bagize impanuka;
- Amabwiriza yo kwirinda impanuka n'uko wakwitwara mu gihe k'ibiza aramanitse kandi aherekejwe n'ibishushanyo;
- Nimeru za terefone zihamagarwa mu gihe habaye impanuka ikomeye cyangwa ikindi cyago zimanitse ahantu abakozi bose bazibona byoroshye;
- Abana bafite umuntu ubakurikirana igihe bakina hanze;

- Abana barindwa imikino yateza impanuka mu Rugo Mbenezamukurire;
- icyapa kibaza abantu bo hanze kwinjira mu Rugo Mbenezamukurire kimanitswe ku marembo aho binjirira;
- Ingamba zibaza ibihano bibabaza umubiri n'ihohoterwa rikorerwa abana zashyizweho kandi zimenyeshwa abakozi bose b'Urugo Mbenezamukurire ndetse n'ababyeyi;
- Ikibuga abana bakiniraho kiraringaniye kugira ngo birinde abana gusitara no kugwa;
- Ibikoresho byateza impanuka bibitswe kure aho abana batagera (ibyuma, peteroli, gazi, ibikoresho by'isuku, ibyasigaye bubaka, n'ibindi);
- Ibikinsho n'imfashanyigisho bisuzumwa n'umurezi mbere y'uko bihabwa abana ngo babikoreshe. Igihe byangiritse bihita bisimbuzwa;
- Ibikinsho byose bigenewe abana bato ntibisize irangi ryakwangiza abana baramutse babishyize mu kanwa, ntabwo ari bito cyane kuburyo byateza impanuka abana kuko bashobora kubimira bikabaniga cyangwa bakabyinjiza mu myenge iri ku mubiri nko mu mazuru, mu matwi n'ahandi;
- icyobo kijugunywamo imyanda kirikure y'aho abana bakinira kandi kirapfundikiye kubera umutekano w'abana.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mazi n'isuku**

- Hari ibikoresho bibika amazi yo kunywa kandi bigirirwa isuku ku buryo buhoraho;
- Urugo Mbenezamukurire gifite amazi meza yo gukaraba mu ntoki no gutegura amafunguro;
- Mu Rugo Mbenezamukurire hari isoko y'amazi cyangwa amazi aboneka nibura muri m 500 uvuye ku Rugo Mbenezamukurire;
- Hari gahunda ihoraho y'isuku kugira ngo ubwiherero buhorane isuku;
- Abana bafite imyambaro ifite isuku kandi bambara inkweto;
- Ibikoresho bibika amazi n'isabune birahari kugira ngo byifashishwe mu isuku yo mu mashuri, mu misarani, mu gikoni n'ahandi hantu mu kigo;
- Ibikarabiro cyangwa kandagira ukarabe biri hafi y'ubwiherero;
- Abarezi bakaraba intoki mbere na nyuma yo gufasha abana;
- Hari ibikoresho byabugenwe byo gushyiramo imyanda, bividurwa ku gihe kandi bigapfundikirwa ku bw'umutekano w'abana;
- Nta bihuru n'ibizenga by'amazi bihari kugira ngo bitaba indiri y'inzoka n'imibu;
- Mu kigo Mbenezamukurire hari icyapa kigisha abana ibijyanye no gukaraba intoki ndetse n'indyo yuzuye;
- Ibikoresho by'amazi, isuku ntibiheza abana bafite ubumuga.

❖ **Ibipimo ngenderwa ku miyoborere y'ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Abana bakora ibikorwa biteza imbere ubushobozi mu byigwa bitandatu (6):

- Indimi;
- Ibara/imibare;
- Imikurire mu mbamutima n'imibanire n'abandi binyuze mu gusoma n'imikino yigana bihimbiye;
- Ubugeni n'umuco;
- Ubumenyi bw'ibidukikije;
- Ibenezabuzima.
- Abana bahabwa ibikorwa bibafasha kuzamura ubushobozi bwo gukoresha intoki n'ibategura kwandika. Ibyo bikorwa birimo: gusharabika, kwandika, gusiga amabara, gushushanya, n'ibindi;
- Imyigire n'imyigishirize ikurikiza uburyo bukwiye (uburyo bushingiye ku mikino, uburyo bushingiye ku byumviro, uburyo bushingiye ku buzima umwana abayemo, uburyo bwita kuri buri mwana ku giti ke, uburyo bushingiye ku nsanganyamatsiko bukomatanyije);
- Gahunda y'ibikorwa by'umunsi imara nibura amasaha 4;
- Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage rukurikiza ingengabihe yatanzwe na REB;
- Abana bafite ubumuga mu byumviro bitandukanye bafite ibikoresho bibafasha kubona amakuru ashoboka ku mfashanyigisho ku byigwa bitandukanye, urugero: inyuguti nini, urumuri ruhagije, ibikoresho byongera ijwi;
- Gahunda y'umunsi igenda isimburanya ibikorwa: ibikorwa bituje-ibisaba kuvuga, ibikorwa byo mu ishuri-ibikorwa byo hanze, ibikorwa abana bagiramo uruhare-ibisobanuro by'umurezi, amatsinda manini-amatsinda mato, ibikorwa biyobowe n'umurezi-ibikorwa abana biyoboyemo n'ibindi kugira ngo abana bunguke ubumenyi n'ubushobozi butandukanye mu byigwa byose;
- Uburyo icyumba gitangirwamo serivisi giteguwe bukurura abana kandi bushishikariza gukinisha ibikinsho bitandukanye harimo n'ibikozwe mu bikoresho biboneka aho Urugo Mbenezamikurire ruherereye kugira ngo bitere abana gutekereza cyane kandi byimbitse;
- Ibishushanyo by'abana, inyandiko zabo n'ibindi bikorwa byabo bimanikwa ku rukuta rw'icyumba bahererwamo serivisi aho biborohera kubirebaho kandi bigasimburwa igihe kigeze bitewe n'insanganyamatsiko igezweho;
- Ibikinsho n'imfashanyigisho ku byigwa byose by'integanyanyigisho bigera ku bana bose;
- Hari umuntu mukuru cyangwa umurezi ufasha abana gusangira ibikoresho by'imikino byo hanze;
- Ibikorwa bya buri munsi, uburyo bw'imyigishirize, aho abana bigira, ibikoresho bakoresha, ibikinsho n'imfashanyigisho byimakaza amahame y'uburezi budaheza;
- Abana bose bakorewe isuzuma hagamijwe kureba abafite ibibazo byihariye; hanyuma abafite ibibazo byihariye mu myigire (kutabona neza, kutumva,

ibibazo by'ingingo, n'ibindi.) bahabwa ubufasha bwihariye binyuze mu burezi budaheza;

- Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize bitangwa nk'uko integanyanyigisho y'amashuri y'inshuke ibiteganya; integanyanyigisho ku burere buboneye (National Parenting Curriculum: NPC), ibipimo ngenderwaho ku mikurire n'imyigire y'umwana (Early Learning development Standards).
- Ingo Mbenezamikurire zikoresha isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize ku byigwa bitandatu by'integanyanyigisho: ubumenyi bw'ibidukikije, indimi (Ikinyarwanda n'Icyongereza), ibonezabuzima, ubugeni n'umuco, imibanire n'abandi n'imbamutima;
- Mu Rugo Mbenezamikurire hakoreshwa amabara mu kugaragariza ababyeyi uko abana bateye imbere mu byigwa bitandukanye by'integanyanyigisho mu buryo bukurikira:

- **ICYATSI:** Umwana afite ubushobozi bwifuzwa;
- **UBURURU:** Umwana arimo gutera imbere ariko ntaragera ku bushobozi bwifuzwa;
- **UMUHONDO:** Umwana ni bwo atangiye gutera intambwe ngo agere ku bushobozi bwifuzwa;
- **UMUTUKU:** Umwana akeneye ubufasha kugira ngo agere ku bushobozi bwifuzwa; ubushobozi bwe buba butaragaragara;
- Ibyavuye muri iri suzuma bihuzwa n'amanota y'isuzuma mu rugo Mbenezamikurire y' Abana Bato yandikwa muri "Comprehensive Assessment Management Information System: CAMIS) icungwa na Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC);

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bikinisho n'imfashanyigisho**

Urugo Mbenezamikurire rucungwa n'abaturage ruba rufite ibi bukurikira:

- Integanyanyigisho zemejwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) n'Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imikurire no kurengera umwana (NCDA) ku bana bafite kuva ku myaka 3 kugera kuri 6;
- Ibikinisho n'imfashanyigisho kuri buri kigwa: imibare, indimi, ubugeni n'umuco, ibidukikije, imibanire n'abandi n'imbamutima, ibonezabuzima;
- Ibikoresho abana bifashisha mu kwandika n'ibyo kwandikaho: ibikoresho byo kwandikisha nk'amakaramu y'umuti, amakaramu y'igiti, ingwa, amakaramu y'amabara, urupapuro n'amakayi yo gushushanyamo.
- Imfashanyigisho zikoreshwa mu mashuri y'inshuke akenshi zikoze mu bikoresho biboneka aho ishuri rihereye, zijyanye n'umuco w'abana, ziri ku kigero cy'abana, zidaheza abana bafite ubumuga, ziraramba, zitangiza abana kandi zifite isuku, zikurura abana, zikoreshwa mu buryo bwinshi, zikoreshwa

n'ibitsina byombi, zituma abana batekereza, zikoresha ibyumviro byinshi, kandi zimeze neza;

- Imfashanyigisho n'ibikinisho bijyanye n'ubuzima abana babayemo kandi byisanisha n'imikino abana bakina iyo bari mu rugo;
- Ibitabo, ibitabo by'inyongera byo gusoma n'izindi nyandiko zemejwe.

❖ **Gutangiza, kwandikisha, kwemeza no gufunga Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato**

Ibipimo muri iki gice birareba uburyo Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage, uko rwemezwa n'uko rufungwa. Ibyo bipimo ni ibi bikurikira:

- Abatanga serivisi z'i Mbenezamukurire y'Abana Bato bakurikije amabwiriza ajyanye no gusaba uburenganzira bwo gushinga Urugo Mbenezamukurire;
- Abatanga serivisi z'i Mbenezamukurire y'Abana Bato bandikishije ingo zabo ku rwego rw'umurenge bafite ikemezo bahawe n'akagari;
- Kwandikisha Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage bikorerwa ubuntu nta kiguzi;
- Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage ruhabwa uburenganzira bwo gukora n'inzego zibifitiye ububasha ku murenge;
- Ifungwa ry'Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage rukorera risabwa kandi rikemezwa n'ubuyobozi bw'umurenge;
- Ibijyanye n'uburyo abana bazimurirwa mu zindi Ngo Mbenezamukurire bikorwa n'ubuyobozi bw'umurenge bufatanyije n'ubuyobozi bw'ingo.

❖ **Imicungire y' Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage**

- Gushinga, kwandikisha no gutanga uburenganzira bwo gukora ku rugo mbenezamukuriro rucungwa n'abaturage bikorerwa ku rwego rw'umurenge;
- Abana bemerewe kujya mu Rugo Mbenezamukurire mu mwaka wa mbere ni abafite imyaka 3 cyangwa abazayuzuzwa mu gihembwe cya mbere;
- Ababyeyi bagira uruhare mu ishingwa ry'Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage;
- Amafishi y'ikingira cyangwa ibyemezo by'amavuko ni byo bishingirwaho bakira abana aho gushingira ku bizamini bihabwa abana kugira ngo bemerewe;
- Ikigero cy'imyaka y'abana bahabwa serivisi z'i Mbenezamukurire ni ukuva ku myaka 3 kugera kuri 6, ariko umwana wujuje imyaka 6 ahita atangira umwaka wa mbere w'amashuri abanza;
- Ubuyobozi bw'Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage bugizwe n'inama rusange y'ababyeyi, komite nyobozi, komite ngenzuzi, na komite ngishwanama;
- Ababyeyi bose bahurira mu nama rusange nibura rimwe mu gihembwe;
- Ku bufatanye n'abakorerabushake bashinzwe i Mbenezamukurire y'Abana Bato mu nzego z'ibanze (ECD frontliners), ubuyobozi bw'Urugo Mbenezamukurire

bugenzura ko nta bana bafite ubukererwe mu mikurire cyangwa ubumuga runaka bari mu rugo Mbenezamikirire kugira ngo bahabwe ubufasha bukenewe.

❖ **Ibipimo ngenderwaho mu gushyiraho abarezi b'abana mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage n'impamyabushobozi zabo**

- Impamyabushobozi ishingirwaho: Amashuri 6 yisumbuye no kuba yarahawe amahugurwa ku bijyanye n'i Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Ikiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (O'Level) no kuba yarahawe amahugurwa ahagije ku bijyanye n'i Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Amashuri abanza no kuba yarahawe amahugurwa ahagije ku bijyanye n'i Mbenezamikirire y'abana bato
- Abarezi n'abandi bakozi b'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato bagaragaza indangagaciro no kubaha uburenganzira bw'umwana mu midugudu batuyemo;
- Abarezi mu Rugo Mbenezamikirire bahora bahugurwa, bagirwa inama igihe cyose bikenewe binyuze muri gahunda y'amahugurwa ahoraho (CPDs);
- Gahunda y'amahugurwa ahoraho y'abarezi itegurwa n'ubuyobozi bw' Urugo Mbenezamikirire cyangwa Urugo Mbenezamikirire byegeranye zikihuriza hamwe.
- Guhitamo abarezi mu Rugo Mbenezamikirire rucungwa n'abaturage bikorwa na komite y'ababyeyi y'ikigo.

1.2.3. Ibipimo ngenderwaho ku Ngo Mbenezamikirire y'Abana Bato z'icyitegererezo n'izikorera ku mashuri

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku hantu Urugo Mbenezamikirire ruherereye**

- Hagomba kuba hagera umuhanda;
- Urugendo abana bakora kuva mu rugo kugera ku rugo Mbenezamikirire ntirurenga ibirometero 2;
- Urugo Mbenezamikirire ntiruri hafi y'urusaku rukabije (ibarizo/ isarumara, inganda, n'amasoko); Aho Urugo Mbenezamikirire rwubatswe hazwi n'abayobozi b'inzego z'ibanze.
- Urugo Mbenezamikirire rufite ishuri ribanza hafi kugira ngo abana boroherezwe kuva mu Rugo Mbenezamikirire batangira amashuri abanza;
- Urugo Mbenezamikirire ruri hafi y'ivuriro.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku miterere y'ahantu Urugo Mbenezamikirire rukorera**

- Urugo Mbenezamikurire ruzitijwe ibikoresho bikomeye gifite n'urugi rufungwa abana badashobora gufungura;
- Mu Rugo Mbenezamikurire imbere n'ahahakikije nta myanda inyanyagiye ihari, hari kandi uburyo bwiza bwo gushyira imyanda ahabugenewe;
- Mu Rugo Mbenezamikurire imbere hafite umutekano, nta bintu byakwangiza abana bihari nk'ibintu bityaye cyangwa ibyatsi bihumanya;
- Nta nzira zihari zambukiranya Urugo Mbenezamikurire;
- Hari icyapa kibuzabantu kunywera itabi n'ibiyobyabwenge mu kigo ku bakazi cyangwa abashyitsi;
- Ikibuga abana bakiniraho kirumutse ntikiretsemo amazi;
- Ibyobo by'amazi byose bipfundikiye neza;
- Aho abana bakinira ni kure y'aho batekera kugira ngo barindwe impanuka zo gushya;
- Urugo Mbenezamikurire rufite ubusitani n'ibiti bitanga igicucu kandi abana bagashishikarizwa kubwitaho;
- Urugo Mbenezamikurire rufite amashyamba kugira ngo byorohe gukoresha ikoranabuhanga;
- Inyubako n'utuyira ntibiheza abana n'abakozi bafite ubumuga;
- Utanga serivisi Mbenezamikurire asaba akarere amabwiriza agenga imyubakire ku bijyanye n'umutekano w'inyubako no kudahaza abafite ubumuga;
- Utanga serivisi Mbenezamikurire yubahiriza amabwiriza ajyanye n'ibipimo by'inyubako, n'ibikoresho;
- Urugo Mbenezamikurire rufite ibikoresho by'imikino n'imfashanyigisho bikoreshwa n'abana bose.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku byumba byo kwigiramo n'ibikoresho**

✓ **Ibyumba byo kwigiramo**

- Urugo Mbenezamikurire rufite nibura ibyumba bitatu ku myaka itatu: umwaka wa mbere, umwaka wa kabiri, umwaka wa gatatu;
- Imyaka yo gutangira mu mwaka wa mbere w'inshuke ni imyaka itatu cyangwa ikaba izuzura mu gihembwe cya mbere;
- Ibyumba birasukuye, nta vumbi kandi bifite igikoresho bashyiramo imyanda;
- Ibyumba bijyanye n'ikigero cy'abana/ imyaka yabo, bitatse ku buryo bikurura abana bikabashishikariza gukora, bijyanye kandi n'umuco w'aho Urugo Mbenezamikurire ruherereye;
- Umwana agenerwa nibura metero kare 2 mu cyumba kugira ngo yisanzure kandi yige neza;
- Umubare w'abana mu cyumba cy'ishuri nturanga abana 30 ku murezi umwe;
- Icyumba cyo kwigiramo no gukiniramo gishashe neza, kirimo isima cyangwa kirakurungiyeye gikuburwa cyangwa cyozwa/gikoropwa buri muni;

- Inkuta z'icyumba zubatse mu bikoresho biramba kandi zisize irangi cyangwa zirakurungiyeye;
- Igisenge gisakaje amabati cyangwa amategura;
- Buri cyumba gifite imiryango ibiri;
- Buri cyumba gifite amadirishya abiri ya metero kuri metero kugira ngo abana babone urumuri n'umwuka bihagije;
- Icyumba cyo kwigiramo ntigifite ingazi kugira ngo byorohere abana bose kwinjira no gusohoka;
- Mu cyumba imbere hari umwanya uhagije hagati y'intebe kugira ngo byorohere abana kwinyagambura, abafite ubumuga bwo kutabona biborohere kwinyagambura, ndetse n'abakoresha ibikoresho bibafasha kwinyagambura biborohere;
- Urugo Mbenezamurire rufite icyumba cy'abarezi ndetse n'ibiro by'uhagarariye icyiciro k'i Mbenezamurire (ECD Representative/ coordinator);
- Urugo Mbenezamurire rufite icyumba cy'ububiko bw'imfashanyigisho n'ibindi bikoresho.
- Ibishushanyo cyangwa izindi mfashanyigisho bimanitse ku nkuta uherye kuri santimetero 20 uvuye hasi kugira ngo byorohere abana kuzirebaho batavunitse.

✓ Intebe n'ameza

- Ameza n'intebe bijyanye n'ikigero cy'abana (ubuhagarike bwa cm30), biraramba, kandi bisize amarangi y'amabara atandukanye;
- Umusambi/umukeka uteguye mu ishuri kugira ngo abana bakorereho ibikorwa bitandukanye byo gusoma, kubara inkuru n'indi mikino;
- Mu cyumba cyangwa mu biro by'umuyobozi hari intebe n'ameza;
- Hari etajeri, akabati, udusanduku cyangwa ibindi bikoresho bikoreshwa mu kubika ibikinsho n'izindi mfashanyigisho;
- Buri cyumba gifite aho kumanika imipira n'ibikapu by'abana;
- Hari imisambi/imikeka cyangwa ameza byifashishwa mu nguni z'imikino, hagategurwaho imfashanyigisho zijyanye n'insanganyamatsiko yigishwa kandi hagakorwaho ibikorwa byo mu matsinda n'ibindi;
- Hari ikibaho cyangwa ahandi hantu hagari ho kwandika;
- Ikibaho gitereye kuri cm 20 uvuye ku butaka kugira ngo abana bose bashobore kugikoresha.

❖ Ibipimo ngenderwaho ku gikoni no ku bubiko w'igikoni

✓ Igikoni

- Amashyiga/aho batekera hafite nibura m2 kuri m2 kandi hakoreshwa amashyiga ya rondereza cyangwa gazi;

- Aho batekera hahora hasukuye kandi hatunganyije;
- Igikoni gifite ibikoresho bogerezamo ibyombo;
- Igikoni gifite amazi meza;
- Ibyombo bibikwa mu kintu gisukuye kandi gipfundikirwa;
- Ibikoresho bya purasitike ntibikoreshwa ku biribwa cyangwa ibinyobwa bishyushye;
- Igikoni gifite ahantu ho kumukiriza amasahani, ibiyiko n'amakanya nyuma yo kubyoza;
- Igikoni kitaruye amashuri n'imisarani;
- Igikoni gifite umwuka n'urumuri ruhagije kandi gifite umuyoboro usohora umwotsi hanze;
- Hasi mu gikoni hacuritse buhoro kugira ngo byoroshye kuhakorera isuku bakoropa n'amazi;
- Igikoni gifite ibikoresho bigenewe gushyiramo imyanda.

✓ **Ububiko bw'igikoni**

- Igikoni gifite icyumba kihariye kigenewe ububiko;
- Ububiko bufite etajeri cyangwa akabati bifungwa;
- Ububiko bufite agatanda ko kumukirizaho ibyombo;
- Ububiko bugirirwa isuku kandi ibintu biteguye neza;
- Inkuta no hasi mu bubiko nta myobo irimo kugira ngo hirindwe ibyonnyi n'udukoko twakwangiza ibiribwa;
- Amadirishya y'ububiko n'amakositara atwikiriwe na senyenge;
- Mu bubiko hari umunzani bapimiraho ibyo bagiye guteka.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku misarani**

- Umubare w'abana bakoresha umusarani umwe nturanga 40;
- Imisarani iri ku kigero cy'abana kandi iy'abakobwa itandukanye n'iy'abahungu hifashishijwe amagambo n'amashusho ku buryo byorohera abana kuyitandukanya;
- Abantu bakuru bafite umusarani wabo kandi ukingwa abagabo bakagira uwabo n'abagore uwabo;
- Imisarani ifite urumuri ruhagije igihe inzugi zifunze kugira ngo abana bumve bisanzuye nta we ubareba;
- Ibikoresho by'isuku yo mu bwihereho bifite ububiko bwabyo bwihariye kugira ngo bitandukane n'ibindi bikoresho;
- Ingo Mbenezamikirire zose zifite ubwihereho buri ku bigo (nta kujya gutira);
- Urugo Mbenezamikirire rufite nibura umusarani umwe ugenewe abantu bafite ubumuga urangwa n'ibi bikurikira:

- uwo musarani ntufite ingazi, aho uri harashashe, inzira n'umuryango winjiramo bifite nibura ubugari bwa cm 90.
 - Aho kwicara hejuru ku musarane w'icyobo hakoze ku buryo byorohera abana bafite ubumuga;
 - Mu bwihereho imbere, ibyo bafata ngo batagwa bigomba kuba bishinze hasi bikomeye cyangwa ku nkuta mu mpande;
 - Umwanya wo mu bwihereho imbere urahagije ku buryo umwana ukoresha akagare n'umufasha bakwirwamo;
 - Inzira zijya ku bwihereho zikoze ku buryo byorohera abafite ubumuga bwo kutabona kuzinyuramo;
 - Urugi rwo ku bwihereho ni rugari bihagije (ubugari bwa cm100) kugira ngo ugenda mu kagare ashobore kwinjiramo.
- icyo bakingisha inyuma n'imbere gitereye kuri cm 60-80 uvuye hasi kugira ngo abana bashobore kuhagera biboroheye;
 - icyo bakingisha gifashe neza, kirakomeye ku buryo gukingura bitatera impanuka;
 - Urugi rw'ubwihereho rukingukira hanze kandi hari umwanya wa cm 10 kuva hasi kugera ku rugu;
 - Uburebure bw'urugi buri hagati ya cm 100 na cm120 kugira ngo umurezi abe yafungura ari inyuma igihe umwana yahezemo imbere;
 - Ubwihereho bufite icyobo kijyamo imyanda ku buryo kividurwa mu buryo bworoshye kandi buhoraho. Kuvidura bijyana no gushyiramo imiti igabanya umunuko;
 - Ubwihereho bufite umupfundikizo ukoze ku buryo byorohera kuwukorera isuku;
 - Umurambararo w'umwobo w'umusarani nturanga cm 15;
 - Ubwihereho ntiburi kure y'ibyumba bigiramo kugira ngo byorohera abana kubugeraho;
 - icyobo kijyamo imyanda y'ubwihereho ntikiri munsi ya m 6 kandi gicukwe muri m15 uvuye ku bwihereho;
 - Hari ishusho/ifoto cyangwa inyangirakaba yibutsa abana n'abandi gukaraba intoki n'amazi n'isabune nyuma yo gukoresha ubwihereho;
 - Hari aho abahungu bihagarika hajyanye n'uburebure bw'abana nibura kuri cm 30 uvuye hasi;
 - Umwanya uri mu musarani imbere urahagije ku buryo umurezi yakwinjiramo n'umwana akaba yakunama igihe afasha umwana;
 - Aho gukandagira hejuru y'umwobo hagiye hejuru gato ku mpande zombi hafi y'umwobo ku buryo umwana bitamugora kuhahagarara;
 - Ibikoresho byo gukaraba intoki biri hafi y'ubwihereho kugira ngo byorohera kubibona no kubikoresha;
 - Igikarabiro cyangwa kandagira ukarabe biri ku kigero cy'abana kandi biri kuri cm 50 uvuye hasi;

- Inzira ijya ku misarani irapavomye cyangwa ishashemo amabuye/ amatafari kandi ikoreshwa n'abana bose ndetse n'abafite ubuga;
- Ku bwihereho hari ibyapa biyobora abana ku mikoreshereze yabwo.

❖ **Ibipimo by'aho abana baryama**

- Aho abana baryama hateguye mu buryo abahungu batandukana n'abakobwa;
- Aho abana baryama hasi harakurungiyeye, harimo isima, cyangwa amakaro kandi hasukurwa buri munsi;
- Inkuta z'aho abana baryama zikurura abana ni ukuvuga zisize amarangi abana bakunda, hariho ibishushanyo abana bakunda kandi mu cyumba harimo n'ibikinisho nk'ibipupe;
- Ibikoresho by'aho abana baryama bigizwe na matera/umufariso ufubitse, ikintu kitinjiza amazi.
- Ibitwikira uburiri nk'ikiringiti n'amashuka bihora bisukuye;
- icyumba abana baryamamo gifite urumuri n'umwuka bihagije kandi amadirishya afite amarido yimukanwa.

❖ **Aho gukinira hanze**

- Hanze aho abana bakinira harasukuye kandi nta byakwangiza abana bihari.
- Hari nibura ahantu ho kwisanzurira hangana na m2 kuri buri mwana mu mikino yo hanze;
- Hanze hari aho gukinira hatekanye kandi hari n'ibikinisho bimwe bifasha abana mu mikurire mu buryo bukomatanyije: imishumi, imfashanyigisho umwana asangiye na bagenzi be, imyicungo y'amoko atandukanye, icyobo kirimo umucanga, amapine, n'ibindi;
- Ahari Urugo Mbenezamukurire, amashuri abanza n'ayisumbuye, ibibuga biratandukanye;
- Ikibuga k'imikino gifite ahantu hatandukanye hakinirwa imikino itandukanye: itaka, kuba gipavomye cyangwa gitwikiriwe n'umucaca;
- Ikibuga abana bakiniraho kiraringaniye kugira ngo birinde abana gusitara no kugwa;
- Aho abana bakinira hanze nta bikoreho bityaye bihari, ibyatsi bihumanya, amabuye cyangwa ibikoresho binyanyagiye;
- Hanze aho abana bakinira abarezi bagenzura ko ibikoresho by'imikino bitabuza abana gukora ingendo kandi abana bafite ubumuga bagendera mu tugare bagatambagira nta ngorane;
- Aho abana bakinira hanze nta ngazi/esikariye zihari kandi hahora hitabwaho kugira ngo abana bafite ubumuga bwo kutabona n'abafite ubundi bumuga bw'ingingo bashobore gutambagira nta nkomyi;

- Ikibuga k'imikino kirazitiye kandi ibikoresho by'imikino ntibibangamira ukwisanzura kw'abana;
- Imikino yo hanze n'iyo mu cyumba k'ishuri buri gihe ikurikiranwa n'umuntu mukuru.

❖ **Ibikinisho byo hanze**

- Ibikoresho by'imikino byo hanze bijyanye n'ikigero cy'abana nk'imyicungo n'ibyo bagenderaho, inzego burira, ibyo banyuramo bunamye, n'ibindi;
- Ibikoresho by'imikino nk'inzego zo kuzamuka, imyicungo, bikoze muri purasitike cyangwa mu giti kugira ngo birinde abana gukomereka, ibikoresho bikoze mu cyuma bikoreshwa mu gihe nta yandi mahitamo;
- Hari ibikinisho byimukanwa bigizwe n'imigozi, imipira, amapine, ibiziga, n'ibindi.
- Urugo Mbenezamurire gifite ikirundo cy'umucanga wo gukiniramo n'ibikoresho bitandukanye byo gukinisha mu mucanga.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bikorwa by'ubuzima**

- Hari ifishi igaragaza umwirondoro w'umwana, ubuzima bwe, inkingo, terefone z'ababyeyi ndetse n'ibindi bibazo ababyeyi bazi ku mwana;
- Ifishi y'ikingira igenzurwa mu gihe cyo kwandika umwana;
- Urugo Mbenezamurire rufite terefone y'umujoyanama w'ubuzima yitabazwa mu bibazo bijyanye n'ubuzima bw'abana.
- Abana kuva ku myaka 3-6 basuzumwa hagamijwe kureba abafite ibyago byo kugira ibibazo byo kudindira mu mikurire cyangwa ubumuga, bigakorwa n'abajyanama b'ubuzima cyangwa ababyeyi n'inzobere mu buzima;
- Abana bagaragaje ibibazo by'idindira cyangwa ubumuga bashakirwa ubufasha bujyanye n'ibibazo byagaragajwe;
- Urugo Mbenezamurire rufite umukozi ushinze ubuzima kugira ngo akemure ibibazo byose by'ubuzima abana bahura na byo;
- Umujyanama w'ubuzima cyangwa umuforomo ukorana n'Urugo Mbenezamurire agaragaza mu gitabo cy'abashyitsi serivisi yatanze, itariki n'umukono we.
- Imiti yose abana bazanye mu rugo mbozamurire iba yaranditswe na muganga;
- Urugo Mbenezamurire rufite ibikoresho byo kubikamo amazi yo kunywa kandi buri mwana akagira igikombe cyo kunywesha;
- Mu gihe hari ikibazo gitunguranye cy'ubuzima ku mwana, umurezi aherekeza umwana ku ivuriro riri hafi akabimenyesha ababyeyi vuba;
- Ababyeyi n'abarezi bashishikarizwa kugenzura ko abana bahabwa inkingo zose uko ziteganyijwe kandi ko bahabwa vitamin A n'imiti y'inzoka inshuro 2 ku mwaka;

- Urugo Mbenezamukurire rufite amakuru y'abana bafite cyangwa badafite ubwishingizi bwo kwivuza;
- Amabwiriza ajyanye n'uko abantu birinda indwara zandura, ibyorezo, gukaraba intoki amanitse kandi aherekewe n'amashusho abisobanura;
- Hari amabwiriza asobanura uko abakozi n'abana bakwitwara mu gihe k'ibyago cyangwa Ibiza.
- Umwana cyangwa umurezi urwaye cyangwa ukekwa indwara yandura aguma mu rugo kugeza igihe akiriye kandi bikemezwa na muganga;
- Ikigo gifunga by'agateganyo mu gihe hari icyorezo, cyangwa indwara yandura bisabwe n'inzego z'ubuzima;
- Nyir'Urugo Mbenezamukurire ashiraho amabwiriza ajyanye no kwita ku bana bafite ubwandu bw'agakoko gatera Sida kugira ngo hatezwe imbere uburezi budaheza, n'ahantu hatarangwa no gukomeretsa abana bafite ubwo bwandu;
- Ubuzima bw'abana bukurikiranwa n'umujyanama w'ubuzima;
- Ingo Mbenezamukurire zikorana cyane n'Inshuti z'Umuryango n'abayobozi b'inzego z'ibanze kugira ngo umutekano w'abana witabweho ndetse n'imibereho myiza yabo.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bijyanye n'imirire**

- Abana bahabwa indyo yuzuye nk'uko amabwiriza agenga kugaburira abana ku ishuri abiteganyaye;
- Abatetsi n'abandi bafite aho bahurira n'ibiribwa bahuguwe ku bijyanye n'ibiribwa, isuku yabyo ndetse n'umutekano w'abana;
- Abatetsi n'abandi bafite aho bahurira n'ibiribwa bahorana isuku bakaraba intoki bakanambara ingofero/bagapfuka umutwe;
- Abatetsi cyangwa abandi bantu bafite aho bahurira n'ibyo kurya bahawe amahugurwa ku bijyanye no gutegura amafunguro afite isuku;
- Mu gihe cyo gufata amafunguro, abana bakurikiranwa n'umuntu mukuru kugira ngo arebe ko abana bose barya, arinde abana ko ibiryo byabaniga akanabigisha imyitwarire ikwiye ku meza.
- Urugo Mbenezamukurire rufite akarima k'igikoni karimo imbuto n'imboga bikoreshwa mu gutegura indyo yuzuye.
- Abana bafite imirire mibi bakorerwa ubuvugizi kugira ngo babone indyo ikwiye.
- Imukurire myiza y'abana ikurikiranwa n'umujyanama w'ubuzima cyangwa inzobere mu by'ubuzima buri kwezi.
- Abana bafite ibibazo mu mirire bimenyeshwa ababyeyi babo kugira ngo bifatirwe imyanzuro.

❖ Kurinda umwana/ ibijyanye n'umutekano w'umwana

- Umwana aza mu Rugo Mbenezamukurire akanataha aherekejwe n'umuntu mukuru;
- Abakozi bese bahawe amahugurwa ahoraho ku bijyanye n'ubuzima n'umutekano muri Gahunda Mbenezamukurire;
- Amahugurwa yibanze ku mabwiriza ajyanye n'ibyakorwa mu kwirinda inkongi n'igihe inkongi y'umuriro yabaye;
- Abakozi bahawe amahugurwa yo gutanga ubutabazi bw'ibanze ku mpanuka z'abana;
- Ibikoresho by'imikino byo hanze nk'imyicungo n'aho bakinira mu mucanga bihora bisuzumwa kandi bikitabwaho kugira ngo hagenzurwe niba nta mpanuka byateza abana;
- Hari ibikoresho byakwifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro (kizimyamwoto, amazi, umucanga) kandi abakozi bahuguwe ku buryo bikoreshwa.
- Hashyizweho ingamba zo kurinda abana n'abarezi babo inkongi y'umuriro n'izindi mpanuka;
- Aho bacomekera ibikoresho by'amashanyarazi hakoreshwa ibikoresho byabugenewe bidatuma abana binjizamo ibintu uko biboneye;
- Nta nsinga z'amashanyarazi zishishuye zigaragara;
- K'ubutabazi bw'ibanze n'imiti ibamo bibitswe kure aho abana bategera;
- Ibiri mu gasanduku k'ubutabazi bw'ibanze bigenzurwa buri gihe bigasimbuzwa bibabye ngombwa;
- Abatanga serivisi z'imbenezamukurire bese bahuguwe ku bijyanye no gukoresha ibiri mu gasanduku k'ubutabazi bw'ibanze n'uburyo bakwitwara mu gihe abana bagize impanuka;
- Umurindankuba washyizwe ku gisenge kugira ngo inyubako n'abantu barindwe inkuba;
- Amabwiriza yo kwirinda impanuka n'uko wakwitwara mu gihe k'ibiza aramanitse kandi aherekejwe n'ibishushanyo;
- Nimero za telefone zihamagarwa mu gihe habaye impanuka ikomeye cyangwa ikindi cyago zimanitse ahantu byoroheye abakozi bese kuzibona;
- Abana bafite umuntu ubakurikirana igihe bakina hanze, nibura abana 30 ku murezi umwe;
- Abarezi barinda abana imikino yateza impanuka mu Rugo Mbenezamukurire;
- icyapa kibaza abantu bo hanze kwinjira mu kigo kimanitswe ku marembo aho binjirira;
- Ingamba zibuza ibihano bibabaza umubiri n'ihohoterwa rikorerwa abana zashyizweho kandi zimenyeshwa abakozi bese b'Urugo Mbenezamukurire ndetse n'ababyeyi;
- Ibikoresho byateza impanuka bibikwa kure aho abana batagera (ibyuma, peterori, gazi, ibikoresho by'isuku, ibyasigaye bubaka, n'ibindi);

- Ibikinisho n'izindi mfashanyigisho biragenzurwa mbere yo kubiha abana ngo babikoreshe.
- Mu gihe bigaragaye ko igikinisho cyakwangiza abana gihita gisimbuzwa ako kanya;
- Ibikinisho byose bigenewe abana bato bisize irangi ritakwangiza abana baramutse babishyize mu kanwa, ntabwo ari bito cyane kuburyo byateza impanuka abana kuko bashobora kubimira bikabaniga cyangwa bakabyinjiza mu myenge iri ku mubiri nko mu mazuru mu matwi;
- Ibikoresho by'imikino bisukurwa hakoreshejwe ibikoresho by'isuku bitakwangiza ubuzima bw'abana kandi byumutswa neza mbere yo kubiha abana;
- Urugo Mbenezamikirire washyizeho urubuga abana bahuriramo bagasobanurirwa ibijyanye n'uburenganzira bwabo ndetse n'inshingano;
- Urugo Mbenezamikirire n'ababyeyi bumvikanye ku ngamba zo kugeza abana mu rugo Mbenezamikirire no kubacyura
- Urugo Mbenezamikirire rufite uruzitiro n'amarembo afungwa ku mpamvu z'umutekano w'abana;
- icyobo k'ingarani kimenwamo imyanda (ikimoteri) kiri kure y'aho abana bakinira;
- Urugo Mbenezamikirire rufite imodoka itwara abana, imodoka ifite intebe zikwiranye n'abana, zifunze neza kandi buri ntebe ifite umukandara.
- Imodoka itwara abana ifite umutekano wizewe, ifite imiryango ifungwa, amadirishya ahora afunze kandi atereye hejuru ku buryo bitakorohera abana kunyuramo uko biboneye.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mazi n'isuku**

- Abarezi n'abana bafite amazi yo kunywa ku buryo buhoraho;
- Hari ibikoresho bibika amazi yo kunywa kandi bigakorerwa isuku ku buryo buhoraho;
- Hateganyijwe nibura ritiro 40-60 z'amazi yo kunywa kuri buri munsi, izi ritiro zishobora kurenga bitewe n'umubare w'abana n'uw'abarezi;
- Abana bafite imyaka 3 bagenewe millitiro 1000 z'amazi ku munsi naho abafite guhera ku myaka 4-6 bagenewe militiro 1200 z'amazi ku munsi¹
- Amazi meza ni yo atekeshwa amafunguro;
- Mu Rugo Mbenezamikirire hari isoko y'amazi cyangwa amazi aboneka nibura muri m 500 uvuye ku Rugo Mbenezamikirire;
- Hari umukozi uhoraho ushinzwe isuku;
- Urugo Mbenezamikirire, ibikoresho, ibyumba by'amashuri, imisarani, igikoni n'ikibuga abana bakiniraho bisukurwa buri munsi;
- Urugo Mbenezamikirire rufite imisarani iri ku kigero cy'abana;
- Abana bahorana isuku kandi bambaye umwambaro w'ishuri ubaranga;
- Abana bose bambara inkweto zifunze;
- Ibikoresho bibika amazi n'isabune biba bihari kugira ngo byifashishwe mu isuku yo mu mashuri, mu misarani, mu gikoni n'ahandi hantu mu kigo;

- Ibikoresho by'isuku byashyizwe hafi y'ubwiherero: impapuro z'isuku, kandagira ukarabe, amazi n'isabune byo gukaraba intoki nyuma yo kuva mu bwiherero;
- Ibikarabiro cyangwa kandagira ukarabe biri ku burebure bw'abana kandi n'abagenda mu tugare bagashobora kubikoresha;
- Abarezi bakaraba intoki mbere na nyuma yo gufasha abana;
- Ibikoresho byabugenwe byo gushyiramo imyanda birahari, bikavidurwa ku gihe kandi bipfundikirwa ku bw'umutekano w'abana;
- Ibihuru n'ibizenga by'amazi biri mu rugo bikurwaho kugira ngo bitaba indiri y'inzoka n'imibu;
- Urugo Mbenezamukurire rufite icyapa cyigisha abana ibijyanye no gukaraba intoki ndetse n'indyo yuzuye;
- Abarezi bagenzura ko abana bakaraba intoki mbere yo kurya na nyuma yo kuva mu bwiherero.

❖ **Imyigire n'imyigishirize ku bana kuva ku myaka 3-6**

Abatanga serivisi z'i Mbenezamukurire bubahiriza amabwiriza ajyanye no gutanga uburezi bufite ireme muri serivisi batanga. Aka gace karibanda ku bikorwa by'imyigire n'imyigishirize ndetse n'imfashanyigisho mu Rugo Mbenezamukurire:

- Abarezi bakoresha uburyo bushingiye ku nsanganyamatsiko, uburyo bukomatanyije kandi bushingira ku byo abana basanzwe bazi: gahunda y'ibikorwa by'umunsi, ishingira ku nsanganyamatsiko zihuriza hamwe ibyigwa byo mu nteganyanyigisho y'amashuri y'inshuke ishingiyeye ku bushobozi;
- Abarezi bakoresha uburyo bushingiye ku mikino: imikino yo mu cyumba cy'ishuri imbere, imikino yo hanze, imikino yateguwe n'umurezi, imikino abana biyoboyemo, imikino iteza imbere imiyego minini n'imito igenda isimburana kuri gahunda y'umunsi;
- Abarezi bakoresha uburyo bushingiye ku byumviro byose: kureba, kumvisha amatwi, gukorakora, kumvisha amazuru, kumvisha ururimi;
- Abarezi babwira/basomera abana inkuru zijyanye n'insanganyamatsiko y'icyumweru;
- Abarezi bakoresha indirimbo/imivugo kugira ngo bazamure ubushobozi bw'abana ku nsanganyamatsiko zitandukanye bijyanye;
- Abarezi bakoresha inyuguti zanditse mu cyapa bandikira abana;
- Urugo Mbenezamukurire rukungahaye ku mfashanyigisho zidaheza umwana n'umwe.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku miyoborere y'ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Abana kuva ku myaka 3-6 bakora ibikorwa biteza imbere ubushobozi bukurikira:

- Indimi;
 - Ibara/imibare;
 - Imikurire mu mbamutima n'imibanire n'abandi binyuze mu gusoma n'imikino yigana bihimbiye;
 - Ubugeni n'umuco;
 - Ubumenyi bw'ibidukikije;
 - Ibonezabuzima.
 - Ibi bikorwa bitegurwa mu buryo bw'imikino bushimishije kandi bukurikije ikigero cy'abana:
 - Abana bashishikarizwa kugira ubushobozi bwo gutekereza byimbitse. Ni ngombwa kubayobora uburyo babazamo ibibazo bisaba gusobanura (ni iki, ni ryari, ni hehe, ni nde, ni ibiki, ni ibya nde, kubera iki, ni gute);
 - Abana bahabwa umwanya wo kwisobanura bakoresheje uburyo bwose (ubukoresha kuvuga, ubudakoresha kuvuga) kandi bagategwa amatwi.
 - Abana bigira mu ishuri rikungahaye ku mfashanyigisho zanditse (mu cyumba k'ishuri no hanze);
 - Abana bahabwa ibikorwa bibafasha kuzamura ubushobozi bwo gukoresha intoki n'ibibategura kwandika. Ibyo bikorwa birimo gusharabika, kwandika, gusiga amabara, gushushanya, n'ibindi;
 - Abana bazamura ubushobozi nsanganyamasomo mu byigwa bikurikira binyuze mu bikorwa by'imikino bya buri munsu:
- Ubumenyi bw'ibidukikije;
 - Ibara;
 - Ibonezabuzima;
 - Ubugeni n'umuco;
 - Indimi;
 - Imibanire n'abandi n'imbamutima.
- Gahunda y'ibikorwa by'umunsi imara nibura amasaha 4.
 - Gahunda y'umunsi yoroheye abana kuyisoma iriho amshusho agaragaza ibikorwa kandi imanitswe aho bayirebaho bitabagoye;
 - Abana bafite ubumuga mu byumviro bitandukanye bafite ibikoresho bibafasha kubona amakuru ashoboka ku mfashanyigisho ku byigwa bitandukanye, urugero: inyuguti nini, urumuri ruhagije, ibikoresho byongera ijwi bambara mu matwi, imfashanyigisho bakorakora bibafasha kwiga neza indimi;
 - Gahunda y'umunsi igenda isimburanya ibikorwa: ibikorwa bituje-ibisaba kuvuga, ibikorwa byo mu ishuri-ibikorwa byo hanze, ibikorwa abana bagiramo uruhare-ibisobanuro by'umurezi, amatsinda manini-amatsinda mato, ibikorwa biyobowe n'umurezi-ibikorwa abana biyoboyemo n'ibindi kugira ngo abana bunguke ubumenyi n'ubushobozi butandukanye;
 - Isaranganyamasomo rigaragaraza ibikorwa bitandukanye bigamije kuzamura ubushobozi bw'abana binyuze mu: kwandika, gusiga amarangi, gutaka,

gushushanya, gusiga, gutungira, gukata, komeka, kubumba, amahurizo (puzzles) kubaka bakoresheje ibikoresho biboneka aho ishuri rihereye;

- Uburyo ishuri riteguye bukurura abana kandi bubashishikariza gukinisha ibikinisho bitandukanye harimo n'ibikoze mu bikoresho biboneka aho ishuri rihereye kugira ngo bitere abana gutekereza cyane;
- Abarezi bafite ubushobozi bwo guhanga udushya kugira ngo bahore bahindura imitegurire y'icyumba k'ishuri bakurikije igihe bagezemo n'insanganyamatsiko igezweho;
- Ibishushanyo by'abana, inyandiko zabo n'ibindi bikorwa byabo bimanikwa ku rukuta rw'ishuri aho biborohera kubirebaho;
- Abana bafite ibibazo byihariye mu kumvikanisha ibitekerezo byabo bahabwa ubwisanzure n'ubufasha bwo gukoresha uburyo buboroheye: amarenga, ibimenyetso, ikindi kintu cyangwa kubikoresha byose;
- Hari umuntu mukuru cyangwa umurezi ufasha abana gusangira ibikoresho by'imikino byo hanze;
- Abana bagaragaje ibimenyetso by'idindira mu mikurire cyangwa ubumuga bahabwa ubufasha bw'inyongera kugira ngo bagere ku ntego ziteganyijwe;
- Abana bagaragaye ko bakeneye ubufasha bwihariye mu myigire bakorerwa isuzuma ryihariye;
- Ku bana bafite ibibazo bikabije by'imyigire byemejwe n'umuganga ubifitiye ububasha, bagenerwa uburezi bwihariye;

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bikinisho n'imfashanyigisho**

- Ibikinisho n'imfashanyigisho bijyanye n'ikigero cy'abana;
- Hari ibikinisho n'imfashanyigisho kuri buri kigwa: imibare, indimi, ubugeni n'umuco, ibidukikije, imibanire n'abandi n'imbamutima, ibonezabuzima;
- Imyigire mu Rugo Mbenezamukurire iteza imbere imikoreshereze y'ikorana-buhanga;
- Urugo Mbenezamukurire rufite ibitabo bitandukanye by'amashusho akoze inkuru zijyanye n'ikigero n'umuco by'abana;
- Abana bafite ibikoresho bibategurira kwandika: amakaramu y'umuti, amakaramu y'igiti, ingwa, amakamu y'amabara, urupapuro n'amakayi yo gushushanyamo;
- Imfashanyigisho zikoreshwa mu Ngo Mbenezamukurire zikoze mu bikoresho biboneka aho ikigo gihereye, zijyanye n'umuco w'abana, ziri ku kigero cy'abana, zidaheza abana bafite ubumuga, ziramba, zitangiza abana kandi zifite isuku, zikurura abana, zakoresha mu buryo bwinshi, zikoreshwa n'ibitsina byombi, zituma abana batekereza, zikoresha ibyumviro byinshi kandi zimeze neza;
- Imfashanyigisho n'ibikinisho bijyanye n'ubuzima abana babayemo kandi zikisanisha n'imikino abana bakina iyo bari mu rugo.

- Imfashanyigisho n'ibikinisho byakoreshejwe birasukurwa bikabikwa neza kugira ngo umutekano wabyo witabweho;
- Urugo Mbenezamikurire rufite integanyanyigisho y'amashuri y'inshuke ishingiyeye ku bushobozi (CBC) kuri buri murezi;
- Urugo Mbenezamikurire rufite kandi rukoresha inyoborabarezi ku nteganyanyigisho, isaranganyamasomo, imfashanyigisho z'amahugurwa, integanyanyigisho ku burere buboneye mu muryango (NPC), ibipimo ngenderwaho by'imikurire n'imyigire (ELDS) n'izindi mfashanyigisho zemejwe n'inzego zibifitiye ububasha;
- Urugo Mbenezamikurire rufite ibitabo, ibitabo by'inyongera byo gusoma n'izindi nyandiko zemejwe;
- Ibikinisho n'imfashanyigisho bishobora kugurwa cyangwa gukorwa hifashishijwe ibikoresho biboneka aho urugo ruherereye;
- Urugo Mbenezamikurire rufite impapuro nini, imifuka yo kwandikaho n'izindi mfashanyigisho zo kumanika,
- Ikoranabuhanga rikoreshejwe mu gutegura amasomo, gukora imfashanyigisho, mu bushakashatsi n'ibindi.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku ngendo shuri**

- Abana basohoka Urugo Mbenezamikurire rimwe mu cyumweru bakitegereza ibintu bibakikije bijyanye n'insanganyamatsiko biga;
- Umurezi umwe cyangwa umubyeyi akurikirana itsinda ry'abana 10 kandi akaba afite urutonde rw'abana na nimero za terefone z'ababyeyi;
- Ababyeyi basinya uburenganzira bwo kujyana abana mu rugendo shuri;
- Umurezi uyoboye urugendo shuri atwara agasanduku k'ubutabazi bw'ibanze;
- Urugo Mbenezamikurire rubanza gusuzuma ibibazo bishobora kuvuka mu rugendo shuri bijyanye n'umutekano w'abana mbere y'uko urugendo shuri rutangira.

❖ **Ibipimo mu gutangiza no kwandikisha Urugo Mbenezamikurire n'izindi porogaramu z'amahugurwa**

Ibipimo muri iki gice birareba uburyo Urugo Mbenezamikurire gishyirwaho, uko kemezwa n'uko gifungwa. Ibyo bipimo ni ibi bikurikira:

- Abatanga serivisi z'i Mbenezamikurire bakurikiza amabwiriza ajyanye no gusaba uburenganzira bwo gushinga Urugo Mbenezamikurire;
- Ingo Mbenezamikurire z'ikitegererezo zandikisha serivisi zazo ku karere binyuze ku murenge.

- Inama mpuzabikorwa ishinzwe Ingo Mbenezamikirire ku karere isuzuma ubusabe, ikagenzura Urugo Mbenezamikirire, hanyuma igasabira urugo kwemezwa ku rwego rw'akarere;
- Kwemeza porogaramu y'amahugurwa ku Mbenezamikirire y'Abana Bato ku rwego rw'ishuri ryisumbuye bikurikiza amabwiriza amwe n'akurikizwa mu kwemerera amashuri asanzwe gukora;
- Inama mpuzabikorwa ishinzwe ingo Mbenezamikirire ku rwego rw'akarere igizwe na: Umugenzuzi w'uburezi wa NESA ukorera mu karere, umukozi ushinzwe i Mbenezamikirire y'Abana Bato ku karere, umuyobozi ushinzwe uburezi wungirije ku karere, ushinzwe amashuri y'inshuke n'amashuri abanza, umukozi ushinzwe ubuzima ku karere, umukozi ushinzwe kurinda abana ihohoterwa n'imibereho myiza yabo ku karere;
- Urugo Mbenezamikirire rushobora gufungwa bitewe n'impamvu zikurikira: kutuzura ibipimo ngenderwaho bisabwa. Ibi ni ibijyanye n'inyubako, isuku nke, imyigire n'imyigishirize idakwiye hamwe n'imiryango mibi y'urugo n'ihohoterwa ry'abana mu buryo bwose.
- Impamvu zigaragara zitumye urugo rufungwa zigomba gusangizwa nyiri urugo hamwe n'uburyo bizagenda bikorwa buhorobuhoro bikemezwa n'urwego rushinzwe kwemeza imikorere y'Urugo Mbenezamikirire.
- Ifungwa ry'Urugo Mbenezamikirire risabwa kandi rikemezwa n'abayobozi b'akarere.

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mikoranire n'imiryango y'abana ndetse n'umuryango mugari**

Ibipimo ngenderwaho ku mikoranire, imibanire hagati y'Urugo Mbenezamikirire n'imiryango y'abana ndetse n'umuryango mugari bigizwe n'ibi bikurikira:

- Nyiri Urugo Mbenezamikirire afatanya n'ababyeyi cyangwa abarera abana mu gutangiza ibikorwa byo guha abana serivisi z'i Mbenezamikirire;
- Ababyeyi bose cyangwa abarera abana bahura nibura rimwe mu gihembwe;
- Ababyeyi cyangwa abarera abana ni abajyanama mu gushyigikira imikurire y'abana mu buryo bukomatanyije ndetse n'imibereho myiza yabo;
- Ababyeyi basura abana mu rugo Mbenezamikirire kugira ngo bahabwe amakuru y'uko abana bahagaze mu byigwa bitandukanye by'integanyanyigisho n'imikurire muri rusange.
- Hari komite nyobozi y'inama y'ababyeyi igizwe na:
 - ✓ Ababyeyi babiri (umugabo n'umugore) bahagarariye abandi;
 - ✓ Umuhuzabikorwa wa gahunda y'i Mbenezamikirire;
 - ✓ Umurezi;
 - ✓ Umuyobozi w'umudugudu.

- Nyiri Urugo Mbenezamikurire agenzura ko abana bafite ibyago byo kugira idindira mu mikurire cyangwa ubumuga biyandikishije mu rugo Mbenezamikurire. Nyiri Urugo Mbenezamikurire ategura inama y'ababyeyi buri kwezi.
- Nyiri Urugo Mbenezamikurire ashiraho uburyo ababyeyi n'ubuyobozi bw'urugo bazajya bahanahana amakuru ku buzima bw'abana (ikayi, ikinyamakuru, watsapu, guhamagara kuri terefone, gukoresha ubutumwa bugufi, n'ibindi);
- Hari imikoranire myiza hagati y'Urugo Mbenezamikurire n'ubuyobozi bw'ibanze bigaragarira muri raporo zitangwa, mu nama n'igenzurabikorwa.
- Urugo Mbenezamikurire rutegura amasomo ku babyeyi rimwe mu kwezi kandi rukabika inyandiko y'ibyizwe n'abitabiriye.

❖ **Isuzumabushobozi ku mikurire y'umwana n'imyigire**

• **Ibikoresho by'isuzuma no kwandika amanota**

- ✓ Isuzuma rikoreshe mu Rugo Mbenezamikurire ni iry'imyigire n'imyigishirize aho kuba irisoza inyigisho (nta gihe kigenewe ibizamini bisoza igihembwe kigomba kubaho);
- ✓ Isuzuma riba rikomatanyije kandi rigashingira ku byo umwana ashobora gukora aho kwibanda ku ngano y'ibyo yakoze.
- ✓ Ubushobozi bw'umwana bugereranywa n'ubushobozi ategerejweho ku kigero runaka (criterion-based assessment) aho kugereranya umwana n'abandi (norm-based assessment) hagaragazwa imyanya (uwa mbere, uwa kabiri,...)
- ✓ Abarezi bakoreshe isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize bifashishije ibi bikurikira:
 - Kwitegereza bifashishije urutonde rw'imyitwarire umwana agaragaza;
 - Ibikorwa by'umwana bya buri muni bishyirwa mu ifayilo;
 - Ikiganiro mbonankubone n'umwana kigizwe n'urutonde rw'ibibazo umurezi amubaza ku byigwa bitandukanye (interviews with a child are recorded in the child's file);
 - Raporo y'ibyavuye mu masuzuma ahoraho hagati mu gihembwe;
 - Ikusanyabikorwa by'abana (Children's portfolios).

• **Ibyigwa bikorwaho isuzuma**

Isuzuma rikorwa ku byigwa 6 biri mu nteganyanyigisho y'amashuri y'inshuke ishingiyeye ku bushobozi bireba imikurire y'umwana n'imyigire bishingiyeye ku bushobozi bwitezwe ku mwana nyuma ya buri kigwa:

- Ubumenyi bw'ibidukikije;
- Imibare/ibara;

- Indimi: Ikinyarwanda n'icyongereza;
- Ubugeni n'umuco;
- Ibenezabuzima;
- Imibanire n'abandi n'imbamutima.

- **Gusesengura ibyavuye mu isuzuma no kubisangiza abafatanyabikorwa**

- Amanota y'abana asangizwa ababyeyi bakayaganiraho buri mubyeyi ku giti ke cyangwa itsinda ry'ababyeyi.
- Abarezi basesengura amanota y'abana kugira ngo banoze uburyo batanga serivisi z'iMbonezamikurire muri rusange;
- Abarezi bagomba guhura rimwe mu cyumweru mu nama y'ihuriro ry'abarezi bakorera hamwe (COPs) kugira ngo bungurane ibitekerezo ku buryo banoza uko basuzuma abana, ibikoresho by'isuzuma ry'abana, n'uko iryo isuzuma rikorwa;
- Amanota y'abana atanga amakuru arambuye ku mikurire n'imyigire y'umwana.

- **Ibijyanye no gushyira abana mu byiciro by'imitsindire**

Mu Rugo Mbonezamikurire hakoreshwa amabara mu kugaragariza ababyeyi uko abana bateye imbere mu byigwa bitandukanye by'integanyanyigisho:

- **ICYATSI:** Umwana afite ubushobozi bwifuzwa;
- **UBURURU:** Umwana arimo gutera imbere ariko ntaragera ku bushobozi bwifuzwa;
- **UMUHONDO:** Umwana ni bwo atangiye gutera intambwe ngo agere ku bushobozi bwifuzwa;
- **UMUTUKU:** Umwana akeneye ubufasha kugira ngo agere ku bushobozi bwifuzwa; ubushobozi bwe buba butaragaragara.

- ❖ **Ibipimo ngenderwaho ku barezi b'abana mu kigo Mbonezamikurire**

- Gushyira abarezi b'abana mu Rugo Mbonezamikurire mu myanya bikurikiza amabwiriza ya Minisiteri y'Uburezi agenga ishyingirwa mu kazi ry'abarimu mu Rwanda;
- icyumba abana bigiramo gishyirwamo umurezi n'uwungirije umurezi.
- Urugo Mbonezamikurire rugira nibura umutetsi n'umuzamu basinya amasezerano y'akazi agenda avugururwa.

- ❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mpamyabushobozi z'abarezi n'abandi bakozi**

- **Umuhuzabikorwa w'Urugo Mbonezamikurire:**

Mu Rugo Mbenezamikurire rutari hamwe n'amashuri abanza cyangwa ayisumbuye, hagomba kuba umuhuzabikorwa/umurezi uhagarariye abandi. Uyu nguyu agomba kuba afite nibura impamyabushobozi yo kwigisha mu mashuri y'inshuke cyangwa iyo bifite agaciro kamwe n'uburambe bw'imyaka 3 mu burezi bw'inshuke.

- **Abarezi**

Bagomba kuba bafite nibura imyaka 18;

- Umurezi utangiye akazi agomba kuba afite nibura impamyabushobozi y'amashuri 6 yisumbuye mu burezi bw'inshuke cyangwa iyo bihanyije agaciro yahawe n'ishuri nderabarezi ryemewe cyangwa ikindi kigo kibifitiye uburenganzira;
- Impamyabushobozi zatangiwe mu bindi bihugu zigomba kuba zaremejwe n'urwego rubishinzwe;
- Abarezi n'abandi bakozi bagomba kugaragaza indangagaciro no kubaha uburenganzira bw'abana mu muryango mugari aho batuye;
- Abarezi n'abandi bakozi bagomba kugaragaza ibyemezo by'ubudakemwa mu mico no mu myifatire byatanzwe n'urwego rw'akagari;

- **Abazamu**

Umuzamu nta bikorwa by'urugomo yigeze agaragaramo

- Umuzamu yize nibura amashuri abanza ku buryo afite ubumenyi n'ubushobozi bw'ibanze bwo gusoma no kwandika
- Umuzamu afite indangagaciro nziza kandi arangwa no kubaha uburenganzira bw'abana aho atuye mu mudugudu.

- **Abatetsi**

- Buri mutetsi afite ikemezo cy'ubuzima (medical certificate)
- Umutetsi afite impamabushobozi y'amahugurwa y'igihe gito ku bijyanye no guteka yahawe n'ikigo kibifitiye ububasha
- Abatetsi bubahiriza amabwiriza y'isuku n'andi mabwiriza agenga imyitwaririre
- Abatetsi bafite ubumenyi ubumenyi bw'ibanze bw'ibanze bwo gusoma, kwandika no kubara (mbere yo gutangira akazi bahabwa ikizamini cyoroheje cyo kubara ibijyanye n'ibiribwa)
- Abatetsi bahawe amahugurwa yihariye ku bijyanye no kugaburira abanyeshuri

- ❖ **Ibipimo ngenderwaho ku mahugurwa ahoraho (CPD)**

- Abarezi n'abandi bakozi mu Rugo Mbenezamikurire bagenerwa amahugurwa ku buryo buhoraho igihe cyose babikeneye;

- Amahugurwa ahoraho ategurwa n'ubuyobozi bw'urugo cyangwa agafatanywa n'izindi Ngo Mbonezamikurire mu kuyategura;
- Amahugurwa ahoraho akorwa nibura inshuro imwe mu cyumweru binyuze mu ihuriro ry'abarezi bakorera hamwe (COP);
- Ba nyiri Ngo Mbonezamikurire bose bahabwa amahugurwa y'ibanze n'andi mahugurwa ahoraho ku buryo bwo gutanga serivisi z'iMbonezamikurire zidaheza abana bafite ubumuga cyangwa bafite ibyago byinshi byo kugira ubumuga;
- Kwemeza imfashanyigisho z'amahugurwa ku Mbonezamikurire bizajya bikorwa ku bufatanye hagati y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) n'Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera umwana (NCDA).

❖ **Ibipimo ngenderwaho ku bikenewe mu korohereza akazi abarezi n'abandi bakozi**

Abarezi n'abandi bakozi b'Urugo Mbonezamikurire bemerewe ibi bikurikira:

- Umushahara n'amashimwe kimwe n'abandi bakozi bari ku rwego rumwe mu mashuri abanza;
- Abarezi bahabwa imfashanyigisho kandi bakanahabwa ubushobozi bwo kuzikorera ku giti cyabo.

1.2.4. Ibipimo ngenderwaho mu kwemererwa gutanga serivise Mbonezamikurire y'abana bato

1.2.4.1. Ibisabwa abatanga serivisi za serivisi Mbonezamikurire y'abana bato

- Kubahiriza ibipimo ngenderwaho by'ibanze, amabwiriza n'imirongo ngenderwaho.
- Kubahiriza ihame ryo kudaheza abana bafite ibibazo byihariye.

1.2.4.2. Kwandikisha ibikorwa byo gutanga serivisi Mbonezamikurire:

Ushaka gutanga serivisi Mbonezamikurire agomba kwandikisha ibikorwa bye ku buyobozi bubifitiye ububasha mbere yo gutangira, yuzuza ifishi yo gusaba gutanga serivisi Mbonezamikurire y'abana bato, itangwa n'urwego rufite icyiciro cy'Urugo Mbonezamikurire mu nshingano zarwo ku buryo bukurikira:

- **Ubuyobozi bw'Akarere** ni bwo bufite ububasha bwo kwandika no kwemerera Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato **rw'icyitegererezo n'urukorera ku kigo cy'ishuri;**
- **Ubuyobozi bw'Umurenge** ni bwo bufite ububasha bwo kwandika no kwemerera inqo Mbonezamikurire **zicungwa n'abaturage (Community Based**

ECD) na serivisi zo gusura imiryango (Home visitation), niba zizatangwa bitanyuze muri gahunda y'Urugo Mbenezamikirire rw'icyitegererezo;

- **Ubuyobozi bw'Akagari** ni bwo bufite ububasha bwo kwandika no kwemerera ingo Mbenezamikirire y'abana bato **zikorera mu muryango** (Home based ECD).

1.2.4.3. Ibisabwa by'umwihariko mu kwemererwa gutanga serivisi Mbenezamikirire y'abana bato

❖ Mu Rugo Mbenezamikirire rw'icyitegererezo, urukorera ku ishuri n'urucungwa n'abaturage

Kugira ngo utanga serivisi Mbenezamikirire y'abana bato binyuze mu rugo Mbenezamikirire rw'icyitegererezo, Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera ku ishuri n'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rucungwa n'abaturage, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kwerekana inyandiko ikubiyemo umushinga, werekana mu buryo burambuye uko uzashyirwa mu bikorwa n'uburyo uzacungwa mu buryo burambye;
- Ibisabwa birimo ibipimo ngenderwaho mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire y'abana binyuze mu isuzuma rikorerwa mu byiciro bibiri:
 - a) Uruhushya rw'agateganyo mu gutanga serivisi Mbenezamikirire y'abana bato: rutangwa mbere yo gutangira gutanga serivisi Mbenezamikirire, harebwa imyiteguro ku mitangire ya serivisi. Iyi myiteguro ijyanye n'inyubako zizatangirwamo serivisi, kureba aho ihereye, ibikoresho, imfashanyigisho, abakozi n'ibindi biteganywa n'amabwiriza agenga ibipimo ngenderwaho mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire y'abana bato.
 - b) icyemezo cya burundu mu gutanga serivisi Mbenezamikirire y'Abana Bato: Gitangwa nyuma y'umwaka, ushaka gutanga serivisi amaze gukorerwa igenzura ryongera kurebwa ibyarebweho mu igenzura ryo gutanga icyemezo cy'agateganyo, hakiyongeraho kureba ibipimo mu mitangire ya seivisi Mbenezamikirire mu buryo bukomatanyije. (Ifishi y'igenzura turayisanga ku mugereka w'iyi Nyoborabarezi).

❖ Mu Rugo Mbenezamikirire y'abana bato rukorera mu muryango

Kugira ngo Urugo Mbenezamikirire rukorera mu muryango rutangire gutanga serivisi Mbenezamikirire bisaba nibura ko rwuzuzwa ibi bikurikira:

- Kuba rufite umutekano kandi ruzitiye;
- Kuba rufite imbuga y'aho abana bakinira;
- Kuba rufite amazi meza;

- Kuba rufite ubwiherero bufite isuku;
- Kuba rufite igikoni gifite isuku;
- Kuba rufite umurima w'igikoni;
- Kuba ukuriye abarezi ari inyangamugayo.

❖ **Gahunda yo gusura imiryango**

- Umuntu wese, kugira ngo yemererwe gutanga serivisi za ECD hasurwa imiryango, agomba kwerekana umushinga urambuye ukubiyemo ibibazo nyakuri by'abana bikeneye gukemurwa mu muryango, abaturage bireba, uburyo buzakoreshwa n'ibikoresho bizakoreshwa.
- Ku bana bari muni y'imyaka itatu (3) y'amavuko, hakoreshwa gahunda y'integanyanyigisho ku burere buboneye n'imfashanyigisho ku burere buboneye yateguwe n'urwego rufite porogaramu ya ECD mu nshingano zarwo.
- Ingengabihe itangwa mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi ni yo ishingirwaho mu gutegura ibikorwa bya buri muni by'imikino n'inyigisho mu bigo, mu ngo no gusura.

1.2.4.4. Raporo nyuma yo kwemerera Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato gukora

- Buri kwezi **ubuyobozi bw'Akagari** bushyikiriza Umurenge raporo igaragaza ingo Mbenezamukurire y'abana bato **zikorera mu muryango** zemerewe gukora;
- Buri gihembwe bitarenze tariki 5 z'ukwezi kwa mbere kw'igihembwe gikurikira igitangirwa raporo, ubuyobozi bw'umurenge buhuza raporo zavuye mu tugari tugize uwo Murenge bukongeraho raporo y'ingo Mbenezamukurire zicungwa n'abaturage ndetse n'abemewe gutanga serivisi Mbenezamukurire binyuze mu gusura imiryango bukazishyikiriza Akarere;
- Buri gihembwe bitarenze tariki 10 z'ukwezi kwa mbere kw'igihembwe gikurikira igitangirwa raporo, ubuyobozi bw'Akarere bushyikiriza urwego rw'Igihugu rufite Gahunda Mbenezamukurire mu nshingano zarwo, raporo ku ngo Mbenezamukurire zemerewe gukora hashingiwe ku byiciro byazo.



2.1. Intangiriro

Inzego z'ibanze zifite inshingano zo gushyira mu bikorwa no gukurikirana ibikorwa byose bigamije guteza imbere imikurire no kurengera umwana. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa, buri rwego rufite inshingano zo gushyira mu bikorwa no gufasha kugera ku cyerekezo cy'igihugu cya gahunda Mbenezamikirire y'abana bato, bityo abafite mu nshingano Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato

basabwa gusobanukirwa uruhare n'inshingano zabo. Ibi bizatuma abantu bakora neza ibikorwa baganisha ku musaruro witezwe kandi biteguye kubazwa inshingano.

2.2. Inshingano k'urwego rw'umudugudu

- Gukora ubukangurambaga mu babyeyi hagamijwe ko batangiza ingo Mbenezamikirire zikorera mu miryango;
- Gukurikirana imitangire ya serivisi Mbenezamikirire zikomatanijye kandi zidaheza (gukangura ubwonko bw'umwana, imirire myiza, isuku, kurinda no kurengera umwana, uburere buboneye n'iterambere ry'umuryango);
- Kubarura no kugira urutonde rw'abana bari muni y'imyaka itandatu (6) bose bagomba guhabwa serivisi Mbenezamikirire;
- Kubarura no kugira urutonde rw'abana bafite ikibazo cy'imirire mibi n'abakorewe ihohoterwa cyangwa babayeho mu buzima bwabakururira guhura naryo. Ibi bijyana no gukora ubukangurambaga no gutanga ubujyanama ku baturage hagamijwe kubikumira.
- Gukora raporo ya buri kwezi igashyikirizwa urwego rw'akagari ikubiyemo amakuru akusanyirizwa mu gitabo cy'Urugo Mbenezamikirire;
- Gutanga raporo y'ibyakozwe ku bibazo bibangamiye imitangire ya serivise Mbenezamikirire.

2.3. Inshingano ku rwego rw'akagari

- Gukusanya ibibazo biri mu ngo Mbenezamikirire y'abana bato, n'ingamba zo gushaka ibisubizo, naho ibirenze akagari bikamenyeshwa umurenge;
- Gukora urutonde no gukorera ubuvugizi abana bafite ubumuga kugira ngo bahabwe ubufasha bwihariye;
- Gushyikiriza inkunga zibonetse Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato no gukurikirana imikoreshereze yazo;
- Gukurikirana itangwa rya serivise, kugenzura, gushyigikira no gukusanya ibitekerezo ku buryo abagenerwabikorwa bishimiye serivise bahabwa zishingiye ku bipimo byerekana uko serivise z'Ingo Mbenezamikirire zihagaze;
- Gukora urutonde rw' ibikorwa byose by'i Mbenezamikirire y'abana bato bikorerwa mu kagari ndetse n'ababikora no gukurikirana niba bigera ku bo bigenewe;
- Gukora ubukangurambaga ku kwitabira no gutanga ubutumwa burebana na serivisi Mbenezamikirire y'abana bato biciye mu mugoroba w'imiryango n'umuganda;
- Gukusanya intonde z'abana bari muni y'imyaka itandatu (6) babaruwe mu midugudu bose bagomba kujya mu Ngo Mbenezamikirire y'abana bato buri mwaka;

- Gutegura urutonde rufite amakuru agaragaza uko ibintu bimeze ku bana bafite ikibazo cy'imirire mibi, abakorewe ihohoterwa n'abitabira cyangwa bari mu kigero cyo kwitabira gahunda z'Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato
- Gukusanya no gusesengura raporo igaragaza umusaruro wa serivisi Mbenezamikurire zatanzwe ku rwego rw'imidugudu igashyikirizwa urwego rw'umurenge.


2.4. Inshingano ku rwego rw'umurenge

- Gutegura gahunda y'ibikorwa, gukurikirana no gusuzuma serivisi Mbenezamikurire zikomatanijye kandi zidaheza;
- Kugaragaza ibyakoze n'imbogamizi muri gahunda Mbenezamikurire, kurinda no kurengeza umwana buri gihembwe mu nama nnyanama y'umurenge;
- Kugenzura uko serivisi Mbenezamikurire, kurinda no kurengeza abana zidaheza zishyirwa mu bikorwa ku nzego zose;
- Gukora ubuvugizi ku rwego rw'akarere ku byuho byagaragaye muri gahunda Mbenezamikurire bitabasha gukemurwa ku rwego rw'umurenge;
- Kubaka ubushobozi bw'abarezi mu bijyanye na serivisi Mbenezamikurire mu buryo bukomatanijye kandi budaheza (gukangura ubwonko bw'umwana, imirire myiza, isuku, kurinda no kurengeza umwana, uburere buboneye n'iterambere ry'umuryango);
- Gukusanya intonde z'abana bari munsu y'imyaka itandatu (6) babaruwe mu tugari bose bagomba kujya mu ngo Mbenezamikurire y'abana bato buri mwaka;
- Gukora ubukangurambaga ku kwitabira gahunda Mbenezamikurire y'abana bato hatangwa ubutumwa butandukanye biciye mu mugoroba w'imiryango n'umuganda;
- Gutegura no gutanga raporo umusaruro w'ibyakoze buri gihembwe na gahunda y'ibikorwa by'igihembwe gikurikirira.

2.5. Inshingano ku rwego rw'akarere

- Gutegura gahunda y'ibikorwa, gukurikirana, no gusuzuma imitangire ya serivisi Mbenezamikurire zikomatanijye kandi zidaheza ku nzego zose;
- Kugaragaza ibyakoze ku mikurire, kurinda no kurengeza umwana buri gihembwe muri komite nyobozi y'akarere;
- Gukurikirana buri gihe ibikorwa bigamije guteza imbere imikurire no kurengeza abana mu buryo budaheza mu mirengere hifashishijwe ifishi y'ikurikiranabikorwa (monitoring tool);
- Kubaka ubushobozi bwa komite mpuzabikorwa ku rwego rw'umurenge ku Mbenezamikurire y'abana bato, kurinda no kurengeza abana, kuri serivise zitangwa mu ngo Mbenezamikurire ndetse na serivise zita ku bana bafite ubumuga ku bufatanye n'abafatanyabikorwa;

- Gukusanya intonde z'abana bari muni y'imyaka itandatu babaruwe mu mirengi bese bagomba kujya mu ngo Mbenezamikurire y'abana bato buri mwaka;
- Kubarura no kugira urutonde rw'abana bafite ikibazo cy'imirire mibi, abakorewe ihohoterwa bitabira cyangwa bari mu kigero cyo kwitabira Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato buri kwezi;
- Gutegura no gutanga raporo igaragaza umusaruro w'ibyakozwe buri gihembwe na gahunda y'igihembwe gikurikiraho ku rwego rw'igihungu rufite Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato mu nshingano zarwo.



3.1. Ibisobanuro by' amagambo y' ingenzi

- **Ubujoyanama buhoraho ku bakozzi:** Ni uburyo bwo kubaka ubushobozi bw' umukozi binyuze mu nama ahabwa n' umurusha ubunararibonye witwa umutoza cyangwa umujyanama mu kazi. Umutoza cyangwa umujyanama mu kazi, afasha utozwa kugera ku ntego ze cyangwa ku ntego z' umwuga akora, binyuze kubaha no gushyira mu bikorwa inama n' umurongo ngenderwaho utoza aha uwo atoza.
- **Umutoza mwiza** atega amatwi, akabaza ibibazo, akagerageza gusobanukirwa no gusobanura neza ibyo yumva cyangwa abona, ku buryo ugirwa inama birangira agize imyumvire imwe n' uy' umujyanama we mu kazi, ibi bikamufasha gutera intambwe iganisha ku ntego z' ubwo bujyanama.

- **Igenzurabikorwa:** ni uburyo bwo kuyobora no gukurikirana abakozi na gahunda bakoramo, hagamijwe kureba niba bashyira mu bikorwa gahunda uko yateguwe, kandi bagafashwa kugera ku nshingano zabo mu kazi uko bikenewe.
- **Isuzuma ryihuse:** ni ubugenzuzi bukorewe ku cyiciro gito cy' imirimo yakozwe, kandi iki cyiciro cy' imirimo kigatoranywa mu buryo buha amahirwe angana ibyiciro byose by' imirimo bitoranywamo, hagamijwe kubona ishusho rusange ku ishyingira mu bikorwa rya gahunda cyangwa umushinga.

3.2. Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akagari

Ikurikiranabikorwa ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akagari rikorwa ku buryo bukurikira:

- Ubuyobozi bw'Umurenge bugenzura Ingo Mbenezamikirire y'abana bato z'icyitegererezo, n'izicungwa n'abaturage na serivisi Mbenezamikirire zo gusura imiryango zikorera mu tugari;
- Ubuyobozi bw'Akagari butanga raporo ku murenge buri kwezi ku bikorerwa mu ngo Mbenezamikirire y'abana bato zikorera mu muryango.
- Ubuyobozi bw'Umurenge n'ubw'Akagari bukora ubukangurambaga mu baturage kuri serivisi za Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato kugira ngo bagire uruhare mu itangwa rya serivisi z'iyi gahunda.

3.3. Inama zirebana no gutanga ubujyanama buhoraho mu kazi

1. **Shyiraho intego z' igihe kirekire n' iz' igihe kigufi muri gahunda y' ubujyanama uri gukora.**
2. **Kumenyana no kumenyekanisha intego z' ubujyanama bugiye gutangira:** Umutoza cyangwa umujyanama mu kazi afata umwanya wo kumenya uwo agiye gutozwa, bakumvikana ku ntego z' ubwo bujyanama kandi utoza agakora ku buryo amenya ko utozwa yemeranya kandi yumva intego z' icyo gikorwa. Utozwa ashobora gukenera kugira ibyo amenya ku mutoza we. Kumwibwira cyane cyane ku bifatanye isano n' akazi mugiyeye guhuriraho. Ibi byongera ubusabane mu mikoranire yanyu.
3. **Gukoresha invugo yoroshye kandi yumvwa n' umutoza n' utozwa:** Umutoza cyangwa umujyanama mu kazi n' ugirwa inama bagomba gukoresha ururimi rworoshye, rutagoranye kandi bumvikanamo bose, bakanagenzura neza ko buri wese yumva ibyo undi avuga.
4. **Kumenya icyo mugamije mu biganiro n' umwanya uza kumarana n' uwo ugira inama:** Nubwo utamenya ibintu byose ushaka ko muza kuganiraho mbere yo guhura n' uwo ugira inama, ni ingirakamaro kuri mwembi kuba muzi icyo mushaka kugeraho. Ibi bibafasha kuba mwahindura umurongo w' ibiganiro niba mubona ko bitaganisha ku ntego mwari mwihaye mbere yo gutangira ikiganiro cyangwa ikindi gikorwa murimo.

Icyitonderwa: iyo hari umurezi ukeneye inama ku buryo bwihariye cyangwa gukeburwa ahabwa umwanya wihariye

5. **Baza ibibazo bifunguye:** Ubushobozi bwo kubaza ibibazo bifunguye ni ingenzi muri iyi gahunda yo gutoza. Bigufasha kumenya ibitekerezo by' uwo ugira inama kurusha uko wowe wakwiharira ijamba umubwira gusa.

Ingero z'ibibazo: (1) Ni iki utekereza ko cyangenze neza nk'uko wari wabiteguye? (2) Ni izihe ngorane wahuye nazo? (3) Wongeye gusubiramo iki gikorwa ni iki wakosora? (4) Haba hari ibyo wifuza kongererwamo ubumenyi? n'ibindi. Ni ingenzi kugira umuco wo gutoza aho gutegeka no kugenzura abo utoza. Mu kazi kawe uri umujyanama kurusha uko uri umugenzuzi.

6. **Fata umwanya ubwire uwo ugira inama uko umubona:** Umutoza cyangwa umujyanama mwiza abwira uwo agira inama uko abona ibyo yakoze n' uko yabikoze. Gushima aho yabikoze neza no kumubwira aho agomba gushyiramo imbaranga (ibi bitandukanye no kumunenga). Bizatuma uwahuguwe yumva yishimiye intambwe atera, bimutere kunyurwa mu kazi kandi bibe impamvu yo gushyira imbaraga mu byo akora, byongere umusaruro.

7. **Shyiraho kandi unavugurure gahunda y' ibikorwa ushingiyeye ku bibazo ugenda ubona:** fata umwanya wo gukora gahunda y'ibikorwa by'ubujyanama bwa buri mwaka na buri gihembwe kandi nibiba ngombwa uvugurure intego wihaye mu gihe kirekire cyangwa kigufi bitewe n' uko ugenda usobanukirwa n' imiterere nyakuri y' ikibazo.

8. **Tanga umurongo n' icyerekezo:** umutoza cyangwa umujyanama mu kazi ashobora guha utozwa imikoro imufasha kugera ku ntego z' ubujyanama ari na yo mpinduka yifuzwa.

9. **Gutera umwete uwo ugira inama:** umutoza cyangwa umujyanama mu kazi agomba kuremamo imbaraga uwo agira inama kandi agakora ku buryo uwo agira inama yumva yishimiye kandi afite imbaraga zo gukora inshingano ze. Kwishimira ibyo ukora bitera umwete kandi bituma igikorwa cy' ubujyanama mu kazi kigenda neza.

10. **Isuzuma rya gahunda, gusangira makuru yaryo, kwishimira ibyagezweho no gufata ingamba nshya cyangwa kubyaza umusaruro ibivuye mu bushakashatsi:** ni kuri iki cyiciro ubushakashatsi bukorwa ku musaruro wagezweho na gahunda y' ubujyanama ku bakazi, bugasangizwa abafatanyabikorwa bagatangaho ibitekerezo, nyuma bikaganirwaho n' abatozwa cyangwa abagirwa inama mu kazi. Iyo hari isomo ibyakozwe bitanze ryifashishwa mu gutegura gahunda y' ubujyanama ku bakazi no muri gahunda zikurikira cyangwa kuzimurira ahandi.

3.4. Ingengabihe y' igenzurabikorwa rihoraho muri iyi gahunda

Buri rugo Mbenezamukurire y' abana bato rwo rugomba gusurwa:

- Nibura rimwe mu kwezi n' ushinzwe ikurikiranabikorwa n' igenzurabikorwa rya gahunda Mbenezamukurire y'abana bato ku rwego rw' akagari n'urwego rw'umurenge.
- Nibura rimwe mu gihembwe:


→ N' umukozi ufite uburezi mu nshingano ze ku rwego rw'umurenge

→ N' umukozi ufite ubuzima n' imibereho myiza mu nshingano ze ku rwego rw'umurenge.

Icyitonderwa: *Ikurikiranabikorwa rikwiye gukorwa ku munsu usanzwe w' akazi Urugo Mbenezamukurire y' abana bato ruri gutanga serivisi. Abarezi b' abana bato bashobora kuba babimenyeshewe cyangwa batabimenyeshewe. Gusa iyo hakenewe ababyeyi, abarezi batakoze uwo munsu cyangwa abagize inzego z' imiyoborere y' Urugo Mbenezamukurire, ni ngombwa kubibamenyeshya mbere, kugira ngo ukora ingenzurabikorwa aze kubona abo yifuza guhura na bo. Ku bijyanye n' ifishi y' ikurikiranabikorwa hifashishwa **umugereka wa gatandatu w'iyi nyoborabagenzuzi muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato.***

3.5. Isuzuma ryihuse muri iyi gahunda

Iri suzuma rikorwa kabiri mu mwaka n' Umukozi ushinzwe ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa rya gahunda ku rwego w' Umurenge. Ukora iki gikorwa yifashisha ifishi z' ubugenzuzi bw'Urugo Mbenezamukurire iri kuva ku mugereka wa karindwi kugeza ku mugereka wa cyenda , hakiyongeraho ibiganiro byihariye n' ababyeyi barerera muri urwo Rugo Mbenezamukurire muri rusange n' izindi nzego zitandukanye zigira uruhare mu miyoborere y' urugo (Komite nyobozi, Komite Ngenzuzi na Komite Ngishwanama). Na none kandi ugenzura afata umwanya wo kureba muri gahunda z' ibikorwa na raporo byateguwe, bikohererezwa ku rwego rwisumbuye, akagenzura ibirimo, abihuza n' ibyo yahawe muri raporo kimwe n' ibyo yiboneye ubwe muri iri suzuma ryihuse.



4.1. Isuzuma ryihuse ku mahugurwa akenewe

Ni igikorwa kigamije kugaragaza amahugurwa abakozi n' abafatanyabikorwa b' ibanze muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato hagamijwe gutahura ubumenyi n'ubushobozi bakeneye ngo bashobore kuzuzwa inshingano zabo uko bikwiye.

4.2. Ni akahe kamaro k'isuzuma ryihuse ku mahugurwa akenewe?

Iki gikorwa gifasha ushinzwe ikurikirana n'igenzurabikorwa mu murenge gukusanya amakuru ku mahugurwa akenewe na buri cyiciro cy'abafatanyabikorwa mu ngo mbonezamikuririre zikorera mu murenge, ashingiye ku byagaragajwe n'abo yashoboye gusura mu gihe runaka. Isuzuma nk'iri rifasha gutegura amahugurwa hashingiwe ku cyuho cyagaragaye mu rwego rw' ubumenyi, ubushobozi, imyitwarire by'abagira uruhare muri muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato.

4.3. Ni nde ugomba gukora iri suzuma ku mahugurwa akenewe muri iyi gahunda?

Ushinzwe ikurikirana n'igenzurabikorwa rya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato ku rwego rw' umurenge ni we ufite mu nshingano iki gikorwa cy' isuzuma ku mahugurwa akenewe. Ashobora kubona ubufasha bw' umukozi ushinzwe ubuzima n' imibereho myiza y' abaturage cyangwa ushinzwe uburezi bakorana ku rwego rw' umurenge.

4.4. Ni nde wungukira muri iri suzuma?

Iki gikorwa gifitiye akamaro abarezi b' abana bato mu ngo Mbonezamikurire y' abana bato zikorera mu miryango n' izindi zo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'abaturage kimwe n'abafatanyabikorwa muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana bato ku rwego rw' ibanze harimo abajyanama b' ubuzima, inshuti z' umuryango n' abayobozi mu nzego z' ibanze.

4.5. Intambwe zo gukora isuzuma ry' amahugurwa akenewe

Intambwe ya mbere: Ikusanyamakuru

Ushinzwe igenzurabikorwa ku rwego rw' umurenge (ashobora kubona ubufasha buturutse k' ushinzwe ubuzima n' imibereho myiza y' abaturage n' ushinzwe uburezi ku murenge) azakora ibi bikurikira:

- Gusesengura raporo z' ikurikirabikorwa n' isuzuma byakozwe mbere ku rwego rw' utugari n' umurenge bikamufasha kumenya icyuho kigaragara mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda cyane cyane mu rwego rw' ubumenyi, ubushobozi, gushyira mu ngiro n' imyitwarire, biranga abarezi b' abana bato n' abandi bagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry' iyi gahunda.
- Gukorana ibiganiro n' abarezi bahagarariye abandi, inshuti z'umuryango, abajyanama b'ubuzima, abajyanama b'imibereho myiza n'iterambere n'abandi bafatanyabikorwa muri gahunda Mbonezamikurire y'abana bato, hagamijwe

kurushaho gusobanukirwa ibyagaragaye muri raporo z'ikurikiranabikorwa n'isuzuma byavuzwe haruguru.

- Gusesengura inyandiko z'ibanze zateguwe ku ishyirwa mu bikorwa ry' iyi gahunda, hagamijwe gusuzuma ibyateganijwe kugerwaho n' inzira zo kubigeraho,
- Kugereranya uko gahunda yari iteganyijwe n'uburyo iri gushyirwa mu bikorwa hashingiwe ku makuru aturuka ku isesengura rya raporo z'ikurikiranabikorwa n'iz'igenzurabikorwa n' isuzuma ryakozwe.

Intambwe ya kabiri: Isesenguramakuru

- **Guhuza amakuru:** Intambwe ya mbere yo gukora isesenguramakuru ni uguhuza amakuru wakuye mu biganiri, inyandiko na raporo zitandukanye. Aya makuru yose ashirwa /yandikwa ahantu hamwe mbere yo kuyakorera isesengura.
- **Gushyira amakuru mu byiciro** ushingiyeye ku mahugurwa akenewe mu kuziba icyuho cyagaragajwe na buri cyiciro cy'abahugurwa.
- **Kugaragaza amahugurwa akenewe cyane** n' abantu benshi muri buri cyiciro cy' abazahugurwa.
- **Gusuzuma niba hari isano hagati y' amahugurwa** yagaragaye ko akenewe n' ibyiciro by'abayakeneye hashingiwe ku nshingano mu rugo Mbenezamukurire.

Urugero: Ushobora gusanga abarezi mu Rugo Mbenezamukurire bakeneye guhabwa amahugurwa ku gukangura ubwonko bw'umwana mbere y'uko uyaha Inshuti z'umuryango na zo ziyakeneye mu gutanga ibiganiri bigenewe ababyeyi.

- **Gufata umwanzuro** ku mahugurwa akenewe n' abayakeneye

Intambwe ya gatatu: Gukora raporo ku byavuye mu isuzuma ku mahugurwa akenewe

Ushinzwe ikurikiranabikorwa ku murenge akora raporo ku byavuye mu isuzuma, igaragaza ibyaho bisaba amahugurwa ku buryo bwihutirwa, amahugurwa akenewe n' umubare w' abayakeneye kuri buri cyiciro cy'abahugurwa (Abarezi b' abana bato n' abandi bafatanyabikorwa).

Iyo raporo igomba kugaragaza amahugurwa ushinzwe ikurikiranabikorwa ku murenge yategura we ubwe n'andi akeneye gukorera ubuvugizi kugira ngo abayakeneye bayahabwe.

Raporo yohererezwa abafatanyabikorwa b' ingezi muri iyi gahunda hamwe n' abagenerewabikorwa (abagenewe amahugurwa), kugira ngo batange ibitekerezo ku byavuye mu isuzuma no ku bisubizo byatanze ku bibazo byagaragaye.

4.6. Inama mu gutegura no gutanga amahugurwa agenewe abantu bakuru

4.6.1. Inama n'amahame agenga amahugurwa no kwigisha abantu bakuru

A. Amahame mu guhura no kwigisha abantu bakuru

- **Abantu bakuru baza mu mahugurwa bazi icyo bashaka kandi bafite intego:** Abakuze biga bagamije gukemura ibibazo byabo biriho ubu. Genzura neza ko intego z'amahugurwa zisubiza neza ibyifuzo bafite. Fata umwanya wo kumenya icyo biteze kuri ayo mahugurwa bizagufasha kunoza intego zayo cyangwa guhindura gahunda y'amahugurwa mu buryo arangira bigaragara ko asubije cyangwa agiye gusubiza ikibazo bari bafite. Gukora umwitozo wo kumenya ibyo abahugurwa bakeneye kumenya mbere yo gutegura amahugurwa na byo ni ingenzi.
- **Abantu bakuru bakunda umuntu, ububaha, akubahiriza ubwigenge bwabo kandi akabaha amahirwe yo kwiyobora mu byo bakora:** abantu bakuru bakunda umuntu ubaha agaciro, akubaha ibitekerezo batanga igihe abahugura. Iyo bahawe ibyo bakora, bigiramo kurusha kubabwira bateze amatwi nubwo na byo bigira igihe cyabyo mu gihe cy'amahugurwa. Mu gihe ubahaye ibyo bakora, kurikirana uko babikora unabafashe aho bikenewe.
- **Abantu bakuru bakunda kugira uruhare mu miyoborere y'ibiri gukorwa:** aha twavugaga nko kwitoramo abayobora ibiganiro mu matsinda, abashinzwe gufasha abandi kubahiriza igihe ndetse no gushyiraho amabwiriza agenga mahugurwa.
- **Abantu bakuru baza mu mahugurwa bafite icyo bazi ku byo ugiye kubahuguramo:** Abantu bakuru baza mu mahugurwa hari ubumenyi n'ubunararibonye bafite ku byo ubahuguraho. Bityo ni ngombwa kubaha umwanya wo kwibukiranya ibyo bazi akaba ari byo uheraho mu kubongerera ubumenyi n'ubushobozi.

B. Inama zirebana no guhugura no kwigisha abantu bakuru

- **Koresha imvugo yoroshye kandi yumvikana mu gihe cy'amahugurwa:** amahugurwa yose waba utanga, koresha imvugo yoroshye kandi yumvwa n'abo uhugura. Si umwanya wo kubereka ko uri inzobere kandi uzi ibintu bihanitse ku byo ubigisha.
- **Irinde kubona abantu mu ishusho y'ibyo wumvise babavugaho no kubatesha agaciro:** Biroroshye cyane ko umuntu mukuru yagira ikintu avugwaho. Irinde amagambo aganisha cyagwa avuga ubuzima bwite bw'abaje mu mahugurwa, ubona ko yatuma uvuzwe yumva ateshejwe agaciro, niyo ibyo uvuga waba warabikumviseho cyangwa ubibaziho. Irinde amagambo arimo ivangura rishingiye ku gitsina, politike, cyangwa amoko.

- **Amahugurwa agomba kuba asusurutsa kandi atarambirana:** uhugura yirinda kurambira abahugurwa ngo amare umwanya munini ku ngingo imwe akandi ari we wihariye ijambo. Ni byiza ko ashyiramo ikindi gikorwa gishyushya cyangwa gikangura abahugurwa.
- **Kubaha icyo umuntu ari cyo mu buzima busanzwe:** Buri muntu ukuze agira inshingano zitandukanye mu mibereho isanzwe ya buri muni nko kuba umubyeyi, umugore, umugabo, umukoresha, n'ibindi. Zimwe muri izo nshingano ni ingenzi mu bituranga. Ni ngombwa rero kwirinda kuzitesha agaciro cyagwa kutazubaha.
- **Kubahiriza igihe:** abantu bakuru baba bafite ibintu byinshi byo gukora. Ni yo mpamvu baba bifuzaga gukoresha umwanya wabo neza, bashakaga ko ibintu byose bikorwa ku gihe kugira ngo bajye mu bindi. Ni ngombwa guha agaciro umwanya baba batanze wubahirize hagunda y'amahugurwa mwemeranijeho kugira ngo babone uko bajya muri gahunda zabo bwite.

4.6.2 Inama z'ingenzi mu gutegura amahugurwa

A. Gutegura gahunda y' amahugurwa

Gahunda y'amahugurwa igomba kugaragaza ibi bikurikira:

- Igihe amahugurwa azatangirira n' igihe azarangirira kuri buri cyiciro cy'abahugurwa (abarezi, Inshuti z'Umuryango, abajyanama b'ubuzima, abajyanama b'imibereho myiza n'iterambere n'abandi bafatanyabikorwa);
- Inyigisho bazahugurwaho n'umubare w'abazahugurwa kuri cyiciro;
- Aho amahugurwa azabera;
- Uzatanga amahugurwa n'abandi bafatanyabikorwa bazagira uruhare mu mahugurwa;
- Ibyibanze bizakenerwa mu mahugurwa (amakaye, amakaramu, imfashanyigisho y'uhugura n'abahugurwa ...).

B. Gutegura amahugurwa

Mu gihe cyo gutegura amahugurwa, uyategura yita kuri ibi bikurikira:

- **Shaka amakuru ahagije ku bazahugurwa:** abo ugiye guhugura ni bantu ki? Bari mu kihe kiciro cy'imibereho? Ni ubuhe bumenyi bafite ku byo bagiye guhugurwaho? Bari mu kihe cyiciro cy'imyaka? Ese hari uzaza afite umwana muto n'umurera?...
- **Shyiraho intego z'amahugurwa zisobanutse** ushingiyeho ku isuzuma wakoze ku mahugurwa akenewe;

- **Tegura inama iguhuza n’abafatanyabikorwa** muzafatanya mu gikorwa cy’amahugurwa, muganire ku ntego, aho amahugurwa azabera, igihe amahugurwa azabera n’igihe azamara, gahunda ya buri muni, ibikenewe n’uruhare rwa buri wese kugira ngo amahugurwa agere ku musaruro witezwe.
- **Tegura ubutumire** kandi ubugeze ku batumirwa byibura mbere y’icyumweru ngo amahugurwa abe.
- **Tegura inyigisho y’amahugurwa** ugendeye kuri gahunda ya buri muni, wibanda ku buryo bwiza buzakoreshwa kugira ngo intego zigerweho kandi abahugurwa bagire uruhare bakora imyitozo, batanga ibitekerezo banabaza aho batasobanukiwe neza.
- **Tegura ahazabera amahugurwa:** mbere y’uko abahugurwa bagera ahazabera amahugurwa, fata umwanya utegure aho azabera. Tegura utekereza uko mu cyumba haba hateguye n’ibigomba kuba birimo bigafasha abahugurwa kumva bisanzuye kandi batekanye.

4.6.3. Inama z’ingenzi mu gihe cyo gutanga amahugurwa

Mu gihe cy’amahugurwa, uhugura yita kuri ibi bikurikira:

- Shimira abitabiriye amahugurwa, ugenzure ubwitabirire, ushake amakuru ku basibye niba bahari.
- Fatanya n’abahugurwa mushyireho amabwiriza azabagenga mu gihe cyose amahugurwa azamara.
- Tanga intego z’amahugurwa, gahunda izakurikizwa buri muni ndetse n’ibyitezwe nyuma y’amahugurwa: Ibi bifasha abahugurwa kumenya niba ibyo bazahugurwaho biganisha ku ntego zigamijwe kandi na bo bakabiheraho batanga ibitekerezo ku cyanzwa cyangwa cyakongerwamo aho bishoboka.
- **Fasha abahugurwa gusabana, kwizerana kurushaho binyuze mu mikino n’imyitozo itandukanye:** by’umwihariko niba abahugurwa bataziranye, ni ngombwa gutangiza umwitozo cyangwa umukino ushimishije kugira ngo barushaho kubaka ikizere no kumenyana kandi banezerewe. Byaba ari akarusho uwo mwitozo ufite uho uhuriye n’ibygwa mu mahugurwa.
- **Fasha kandi uyobore abahugurwa aho kubategeka:** nk’umuntu ufasha abaje guhugurwa, inshingano yawe ni ukuyobora ibiganiro utabangamiye itangwa ry’ibitekerezo (wirinda kubategeka kwemera ibitekerezo byawe), gusa ukabafasha kudatana ngo bace ku ruhande rw’intego z’amahugurwa.
- **Shishikariza abahugurwa kwandika ibyo babona byagezweho mu mahugurwa:** Ibi bashobora kubikora bandika, bafata amafoto cyangwa amashusho agaragaza ibyagezweho mu mahugurwa, bizabafasha gusohozza inshingano zabo.
- Suzuma niba intego z’amahugurwa zagezweho: mbere y’uko usezerera abahugurwa, baza abahugurwa ibibazo bituma umenya niba intego y’amahugurwa yagezweho cyangwa itagezweho.

- Umvikana n'abahugurwa ku kigomba gukurikiraho nyuma y'amahugurwa n'uruhare rwabo mu bizakurikiraho.

Icyitonderwa: itegure ko mu gihe cy'amahugurwa hari ibishobora guhinduka ugereranyije n'ibyateguwe kandi ushake ibisubizo byihuse. Urugero: umubare w'abahugurwa, kuba ibyo wateguriye abahugurwa bidasubiza 100% ibyifuzo byabo, kuba uhugura yagira impamvu ituma ataboneka, n'ibindi.

4.6.4. Inama zirebana no gukurikirana ibyavuye mu mahugurwa

Nyuma y'amahugurwa hatangira gukurikirana uko abahuguwe bifashisha ibyo bungukiye mu mahugurwa mu kazi kabo ka buri munsu hakorwa ibi bikirikira:

- Fata umwanya uhamagare, bamwe mu bo wahuguye umenye uko batangiye gushyira mu bikorwa ibyo bahuguweho.
- Tangira gahunda y'ikurikiranabikorwa rifatika binyuze mu gusura abahuguwe ugenzura ko bose batangiye gushyira mu bikorwa ibyo bahuguweho nk'uko byari biteganyijwe, ndetse aho usanze bafite ibibazo ubafashe kubikemura.
- Saba abo wahuguye kukubwira aho bagifite imbogamizi mu kazi nyuma y'amahugurwa bahawe, bityo bigufashe kubona aho uhera utegura amahugurwa akurikira.



IMICUNGIRE IRAMBYE Y'INGO MBONEZAMIKURIRE

5.1. Intangiriro

Kugirango Urugo Mbenezamikirire y' Abana Bato rubashe kugera ku ntego zatumye rushingwa hakenewe uruhare rw' ababyeyi, inzego z' ubuyobozi n' abaturage muri rusange. By'umwihariko, ababyeyi bagomba kugira uruhare rutaziguye mu micungire, imikorere, n'imitangire ya serivisi mu rugo Mbenezamikirire.

Ibyiciro byose by'ingo mbenezamikirire y'abana bato bigira inzego z' imiyoborere zikurikira:

- Inteko rusange
- Komite Nyobozi y'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Komite ngenzuzi y'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato(Abagenzuzi)
- Komite Ngishwanama y' Urugo Mbenezamikirire

5.2. Inshingano za buri rwego n'abarugize

5.2.1. Inshingano z'inteko rusange n'abayigize

Inteko rusange igizwe n'aba bakurikira:

- Ababyeyi bose bafite abana mu Rugo Mbenezamikirire;
- Komite zose z'Urugo Mbenezamikirire
- Abahagarariye abafatanyabikorwa b'ibanze muri Gahunda Mbenezamikirire y'abana Bato.

Inshingano z'inteko rusange ni izi zikurikira:

- Nirwo Rwego rukuru mu miyoborere y'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Gutora cyangwa kwemeza abagize komite zitandukanye ziyobora urugo.
- Gukuraho umwe mu bagize komite cyangwa gusesa komite runaka mu gihe isanze ari ngombwa.

Icyitonderwa: Inteko rusange iterana buri gihembwe mu nama isanzwe n'ikindi igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe.

5.2.2. Inshingano za Komite Nyobozi y'Urugo Mbenezamikirire n'abayigize

Umwanya	Inshingano
Perezida	<ul style="list-style-type: none"> ● Kuyobora komite nyobozi mu gikorwa cyo gukangurira ababyeyi kubahiriza inshingano zabo mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire. ● Kuyobora komite nyobozi mu gutegura igenamigambi cyangwa gahunda y'ibikorwa. ● Kuyobora komite nyobozi mu gikorwa cyo gutegura inama rusange y'urugo, kimwe no kuyitumira no kuyiyobora. ● Gutegura, gutumira no kuyobora n'inama ya komite nyobozi y'urugo ● Gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko y'umwihariko y'urugo mbenezamikirire n'andi ngenderwaho mu mitangire ya serivisi mu rugo Mbenezamikirire ayoboye. ● Guhuza igikorwa cy' ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama rusange ni ya komite nyobozi. ● Gukora ubuvugizi no guhagararira inyungu z'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato ayobora. ● Gusinya kuri konti y'Urugo Mbenezamikirire. ● Gufasha komite ngenzuzi kubona amakuru akenewe mu igenzura ku micungire y'urugo.
Visi Perezida	<ul style="list-style-type: none"> ● Kunganira no kugira inama Perezida wa komite nyobozi mu nshingano ze ● Guhagararira Perezida wa Komite nyobozi igihe adahari cyangwa abisabwe nawe.
Umwanditsi: Agomba kuba ari umurezi w'abana bato uhagariye abandi cyangwa umuhuzabikorwa w'urugo(niba ahari)	<ul style="list-style-type: none"> ● Gufasha Perezida wa komite nyobozi mu gutumira inama rusange n'inama ya komite nyobozi ● Kubika inyandiko z'imyanzuro y'inama rusange n'inama ya Komite nyobozi harimo n'urutonde rw'abitabiriye izo nama ● Azafasha Komite Nyobozi gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama rusange ni ya komite Nyobozi. ● Gusinya kuri konti y'Urugo Mbenezamikirire y'abana

Umubitsi

- Gukurikirana imicungire ya konti y' Urugo Mbenezamukurire abifashijwemo n'umurezi w'abana bato uhagaraiye abandi
- Kuzuza ibitabo by' imikoreshereze y' umutungo w'urugo abifashijwemo n'umurezi w'abana bato cyangwa umuhuzabikorwa w'urugo iyo ahari.
- Gukora raporo y'ukwezi, igihembwe n' iy' umwaka igaragaza imikoreshereze y' amafaranga y' Urugo Mbenezamukurire abifashijwemo n'umurezi uhagaraiye abandi cyangwa umuhuzabikorwa w'urugo iyo ahari. Iyi raporo itangwa mu nama ya komite nyobozi ya buri kwezi n'inama rusange ya buri gihembwe.
- Gufasha Komite ngenzuzi kubona amakuru akenewe ku micungire y'urugo, abifashijwemo n'umurezi w'abana bato ukuriye abandi cyangwa umuhuzabikorwa w'urugo iyo ahari.
- Gusinya kuri konti y'Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato .

Icyitonderwa: Komite Nyobozi iterana buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa ku nama isanzwe, gukora gahunda y'ibikorwa, raporo ya buri kwezi cyangwa kuganira ku kindi cyateganyijwe. Mu bikorwa byo kuyobora Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato umunsi ku munsi komite nyobozi iba ihagarariwe n'umurezi w'abana bato ukuriye abandi cyangwa umuhuzabikorwa w'urugo (aho ari). Muri izo nshingano akorana hafi na Perezida wa Komite Nyobozi mu rwego rw'Ubujyanama.

5.2.3. Inshingano za komite ngenzuzi n'abayigize

Komite ngenzuzi igizwe na perezida, visi perezida n'umunyamabanga, bose batorwa mu babyeyi. Iyo komite ishinzwe:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'Urugo Mbenezamukurire n'umutungo y'urugo;
- Gukemura amakimbirane mu bagize inzego z'ubuyobozi bw'urugo

Icyitonderwa: Komite ngenzuzi iterana buri gihembwe n'ikindi gihe bibaye ngombwa. Ishinzwe kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'umutungo w'urugo Mbenezamukurire y'abana bato. Raporo ya Komite ngenzuzi itangwa buri gihembwe ku nteko Rusange y'urugo mbenezamukurire iterana buri gihembwe na rimwe ku mwaka ku rwego rw'akagari binyujijwe ku buyobozi bw'umudugudu.

5.2.4. Inshingano za Komite Ngishwanama (Abajyanama) n'abayigize

Komite ngishwanama igizwe n'abantu batatu (Perezida(nte) ,Visi Perezida(nte) n'umwanditsi) kandi si ngombwa ko bose baba bafite abana barererwa mu Rugo Mbenezamukurire, ariko na none ntihaburamo nibura umwe muri bo ufite umwana mu Rugo Mbenezamukurire. Ibi bivuze ko bashobora no gutorwa mu baturage bandi baturiyeye urwo Rugo Mbenezamukurire, cyangwa se batuye mu kagari rwubatsemo. Bashobora no kuba batuye mu murenge Urugo Mbenezamukurire rwubatsemo niba ari Urugo Mbenezamukurire rucungwa n'abaturage cyangwa ku rwego rw'akarere Urugo Mbenezamukurire rwubatsemo, iyo ari Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rw'icyitegererezo.

Inshingano za Komite Ngishwanama ni izi zikurikira:

- Gutanga inama, gukora ubuvugizi no gufasha mu gushakira amikoro akenewe mu bikorwa by'Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato .
- Gufasha Komite Nyobozi mu gutegura igenamigambi ry'Urugo Mbenezamukurire ryemezwa n'inama rusange y'Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato .
- Kugira inama Komite Nyobozi y'Urugo Mbenezamukurire mu micungire yarwo ariko bativanze mu nshingano zayo.

Icyitonderwa: Komite Ngishwanama iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Inama yabo ishobora kwitabirwa n'abayigize Komite Nyobozi y'urugo bose cyangwa bamwe muri bo ku butumire bwa Perezida wa Komite Ngishwanama mu nyandiko, cyangwa ubundi buryo bwaba bwaremeranijweho mu nama rusange y'Urugo Mbenezamukurire.

5.3. Ibyitabwaho mu gushyiraho inzego z' imiyoborere y' Urugo Mbenezamukurire y' Abana Bato

Kugira ngo ube umwe mu bagize komite Nyobozi y' Urugo Mbenezamukurire ugomba kuba ufite ubushake bwo gukangurira ababyeyi kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere Urugo Mbenezamukurire barereramo n' iterambere ry' ubukungu bw'imiryango yabo binyuze mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya ashobora guhindukamo koperative.

5.4. Ibikorwa ababyeyi n'abaturage bagiramo uruhare

Ibikorwa bikurikira ni bimwe mu bikorwa ababyeyi n' abaturage muri rusange bakwiye kugiramo uruhare mu rwego rw' imicungire y'urugo iganisha ku mitangire ya serivisi Mbenezamukurire mu buryo burambye:

- Gutanga umusanzu w' ababyeyi kugira ngo haboneke impapuro z'isuku, inkwi/ amakara, ibibiriti, impapuro zo gushushanyaho, cyangwa ikindi gikoresho cyose gikenewe;

- Gukora ibikinisho n' imfashanyigisho zifashishwa mu gukangura ubwonko bw' abana mu Rugo Mbenezamikirire y' Abana Bato;
- Gufata icyemezo cyo gushyiraho ibikorwa remezo by' Urugo Mbenezamikirire birimo n' ibyumba byo kwigiramo bakoresheje umutungo wabo bwite, babifashijwemo n' abandi baturage bagenzi babo, ubuyobozi bw' inzego z' ibanze cyangwa undi mufatanyabikorwa.
- Gutoranya abarezi b' abana bato hashingiwe ku mabwiriza yatanze n'urwego rubifitiye ububasha cyane abo mu ngo Mbenezamikirire zikorera mu muryango no mu Ngo Mbenezamikirire zicungwa n'abaturage.
- Gushinga itsinda ry' ababyeyi mu gukora ibikorwa bibyara inyungu harimo n'ibikorwa by'itsinda ry'ababyeyi mu kuzigama no kugurizanya ku babihisemo, rifite amategeko n' amabwiriza arigenga hagamijwe iterambere rirambye ry'Urugo Mbenezamikirire n'iry'ababyeyi ubwabo.

5.5. Amatsinda y'ababyeyi mu micungire irambye y'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato

5.5.1. Akamaro ko gushinga amatsinda y'ababyeyi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato

Amatsinda y'ababyeyi ni ingenzi mu mikorere myiza y'Urugo Mbenezamikirire:

- Afasha ababyeyi barerera mu Rugo Mbenezamikirire gukomeza guhura mu buryo buhoraho bikoroshya ubukangurambaga ku ruhare rw'ababyeyi mu mikorere myiza y'Urugo Mbenezamikirire;
- Abafasha gushyira hamwe imbaraga mu bitekerezo no mu bushobozi bw'amafaranga akenewe mu gutangiza imishinga iteza imbere Urugo Mbenezamikirire n'imiryango yabo;
- Bituma ababyeyi bagira uruhare mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire (kwegeranya ibikenerwa n'Urugo Mbenezamikirire, kwita ku isuku yarwo, bakanahabwa ibiganiro bigenewe ababyeyi).

5.5.2. Uko itsinda ry' ababyeyi rishingwa, imikorere yaryo n' imiterere y' ubuyobozi bwaryo

Abagize itsinda ry'ababyeyi

- Itsinda ry' ababyeyi bafite abana mu Rugo Mbenezamikirire rigizwe n' abanyamuryango bari hagati ya 15 na 30.
- Kujya muri Komite Nyobozi y'Urugo Mbenezamikirire biba bikugize umunyamuryango w'itsinda ry'ababyeyi mu bikorwa bibyara inyungu bitangizwa no kwizigama Cyangwa kugura imigabane mu itsinda
- Bitarenze amezi tatu Komite Nyobozi y'urugo igiyeho itangiza ibikorwa by'itsinda rigamije iterambere rirambye ry'ababyeyi n'Urugo Mbenezamikirire muri rusange

- Abarezi b'abana bato mu Rugo Mbenezamikirire baba bemerewe kuba abanyamuryango b'itsinda n'ubwo bashobora guhitamo kugera itsiunda bihariye ku giti cyabo.
- Abandi babyeyi bemererwa kuba abanyamuryango b' itsinda ry' ababyeyi mu buryo bw' agateganyo bamaze kubisaba mu magambo buri wese ku giti cye mu nama y' itsinda yateranye mu buryo buteganywa kandi bwemewe n' amategeko y' itsinda.
- Umubyeyi uwo ari we wese aba umunyamuryango w' itsinda wuzuye amaze kwemezwa by' no gusinya ku mategeko agenga itsinda.

Abagize komite y'itsinda:


Kuba muri komite nyobozi y'Urugo Mbenezamikirire bikugira ako kanya umunyamuryango w' itsinda ry' ababyeyi mu buryo bw' agateganyo, ugahita ugira n' inshingano mu miyoborere y' itsinda ry' ababyeyi mu buryo bukurikira:

- Perezida wa komite nyobozi y' Urugo Mbenezamikirire ni na we Perezida w' itsinda ry' ababyeyi;
- Visi Perezida wa komite nyobozi y'Urugo Mbenezamikirire ni na we visi-perezida w' itsinda ry' ababyeyi;
- Umubitsi w'itsinda atorwa mu nama rusange y'itsinda
- Umwandi w'itsinda atorwa mu nama rusange y'itsinda
- Ababaruramari babiri bafite batorwa mu nama rusange y'itsinda. Bafite inshingano zo kwakira no kubara amafaranga cyangwa ikindi kintu cyose cyinjira mu itsinda no kucyandika mu ikaye yabigenewe mbere y'uko gishyikirizwa umubitsi ucyakira maze kugisinyira.

5.5.3. Uko bicara mu nama y' itsinda

Ishusho ikurikira igaragaza uko bicara neza ku ruziga mu nama y'itsinda. Ubu buryo bwo kwicara bufite inyungu zikurikira:

- Bufasha buri munyamuryango w'itsinda kubona neza ibikorera mu itsinda nta wumukingirije;
- Birinda akajagari mu itsinda mu gihe abanyamuryango b'itsinda bahaguruka bajya kwizigama.



5.5.4. Uko bayobora inama y'itsinda

Inama y'itsinda rifite intego ihamye igira intambwe z'ingenzi iyoborwamo. Ifashishe umugereka wa gatatu w'iyi nyoborabarezi kugira ngo usobanukirwe birambuye intambwe zikurikizwa mu kuyobora inama y'itsinda rifite intego ihamye kuva itangiye kugeza isoje.



6.1. Imikoranire hagati y'ingo Mbenezamikirire y'abana bato zegeranye zikorera mu murenge

Urugo Mbenezamikirire rw'icyitegererezo rufite inshingano zo gufasha ingo **Mbenezamikirire zikorera mu miryango** n'izo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'abaturage muri ibi bikorwa bikurikira:

No	IGIKORWA	ABAGIKORA	IGIHE
1	Ingendoshuri ku rugo mbonezami- kurire rw' icyitegererezo mu rwego rwo kwiga kurushaho uko bigisha abana bato.	Abarezi b' abana bato mu ngo zikorera mu muryango cyangwa izo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'aba-turage.	Rimwe mu mwaka n' ikindi gihe byaba ngombwa.
2	Inama nyunguranabitekerezo no gusangira ubunararibonye mu kwita ku bana no mu mitangire ya serivisi Mbonezamikurire y' abana bato muri rusange.	Abarezi b' abana bato mu ngo zikorera mu muryango cyangwa izo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'abaturage, mu rugo Mbonezamikurire rw' icyitegererezo.	Mu cyumweru cya gatatu cy'ukwezi kwa nyuma kwa buri gihembwe
3	Amahugurwa agamije kubaka ubushobozi bw' abarezi b' abana bato mu ngo zikorera mu muryango cyangwa izo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'abaturage	Umuhuzabikorwa n'abarezi bo rugo Mbonezamikurire rw' icyitegererezo bafatanyije n' Ushinzwe igenzurabikikorwa rya gahunda ku rwego rw' umurenge	Rimwe mu mwaka n' ikindi gihe byaba ngombwa
4	Imurikabikorwa rihuriweho, kuri gahunda n' ibikorwa by' Ingo Mbonezamikurire zikorera mu muryango cyangwa izo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'abaturage n' iby' Urugo Mbonezamikurire y' abana bato rw' icyitegererezo byegeranye.	Ushinzwe igenzurabikikorwa mu ingo Mbonezamikurire ku rwego rw'umurenge, Umuhuzabikorwa mu rugo Mbonezamikurire rw'icyitegererezo n'abahagarariye abarezi mu ngo Mbonezamikurire zikorera mu murenge.	Kabiri mu mwaka
5	Ubuwugizi bukorewe hamwe ku bibazo by' abana bafite ubumuga bari mu ngo Mbonezamikurire y' abana bato	Ushinzwe igenzurabikikorwa mu ingo Mbonezamikurire ku rwego rw'umurenge n' Umuhuzabikorwa mu rugo Mbonezamikurire rw'icyitegererezo.	Ku buryo buhoraho

No	IGIKORWA	ABAGIKORA	IGIHE
6	Ubujuanama ku micungire y' ingo Mbenezamikirire y' abana bato zikorera mu miryango n' izo ku rwego rwisumbuye zicungwa n'abaturage.	Urugo Mbenezamikirire rw' icyitegererezo	Ku buryo buhoraho

Icyitonderwa

- Ushinzwe igenzurabikorwa ry' Ingo Mbenezamikirire ku rwego rw' umurenge ashinzwe guhuza no gukurikirana ibi bikorwa mu nyungu za gahunda Mbenezamikirire y'abana bato.
- Urugo Mbenezamikirire y' abana bato rukorera mu murungu cyangwa urwo ku rwego rwisumbuye rucungwa n'abaturage rushobora kugirana ubufatanye bwihariye n' Urugo Mbenezamikirire y' abana bato rw' icyitegererezo bitegeranye kubera izindi nyungu z' inyongera muri gahunda Mbenezamikirire y' abana bato rwaba rubona ruzabonera muri ubwo bufatanye.

6.2. Imikoranire hagati y'Urugo Mbenezamikirire n' ishuri ribanza

Ishuri ribanza n'ingo Mbenezamikirire zikorera hafi yaryo zigirana ubufatanye mu kurushaho kunoza imitangire yamu bikorwa bikurikira:

A. IBIKORWA INGO MBONEZAMIKURIRE ZIKENERAMO ISHURI RIBANZA			
No	IGIKORWA	ABAGIKORA	IGIHE
1	Gufasha mu kumenyereza abana bo mu ngo Mbenezamikirire y' abana bato, ubuzima bwo mu mashuri abanza, binyuze mu gusura ishuri umunsi umwe no kwitabira gahunda zaryo uwo munsi.	Abarezi b'abana bato n' Ikigo cy' amashuri abanza cyegereye Urugo Mbenezamikirire.	Kabiri mu mwaka mu gihembwe cya kabiri n'icya gatatu cy'amashuri
2	Inama nyunguranabitekerezo no gusangira ubunararibonye mu kwita ku bana no mu mitangire ya serivisi Mbenezamikirire y' abana bato muri rusange.	Abarezi b' abana bato mu ngo Mbenezamikirire y' abana bato, Ubuyobozi bw' ishuri ribanza ryegereye n' abarezi baho mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri	Buri gihembwe

B. IBIKORWA ISHURI RIBANZA RIKENERAMO INGO MBONEZAMIKURIRE

1.	Ingendoshuri mu ngo Mbenezamikurire y' abana bato, mu rwego rwo kureba uburyo abana bakirwa mu mashuri abanza bavuye muri izo ngo baba baramenyereye kwigamo.	Abarimu bo mu mwaka wa mbere n' uwa kabiri mu ishuri ribanza ryegereye aho	Rimwe mu mwaka n' ikindi gihe byaba ngombwa
2.	Kongera abarezi bo mu mwaka wa mbere n' uwa kabiri mu mashuri abanza n' ubuyobozi bw' ikigo cy' amashuri abanza cyegereye ku rutonde rw' abafatanyabikorwa bahugurwa kuri gahunda Mbenezamikurire y' abana bato.	Ushinzwe ikurikirana bikorwa ry' iyi gahunda ku rwego rw'Umurenge	Rimwe mu mwaka n' ikindi gihe byaba ngombwa

Icyitonderwa

- Ushinzwe ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa ry' ingo Mbenezamikurire ku rwego rw' umurenge ashinzwe guhuza no gukurikirana ibi bikorwa mu nyungu za gahunda Mbenezamikurire y' abana bato.
- Urugo Mbenezamikurire y' abana bato rushobora kugirana ubufatanye bwihariye n' ishuri ribanza bitegeranye kubera izindi nyungu z'inyongera muri gahunda Mbenezamikurire y' abana bato rwaba rubona ruzabonera muri ubwo bufatanye.

6.3. Imikoranire y'Urugo Mbenezamikurire n'abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivisi Mbenezamikurire ku rwego rw'umudugudu

i. Imikoranire n'abajyanama b'ubuzima

Umujyanama w'ubuzima afite inshingano zo gufasha ingo Mbenezamikurire mu bikorwa bikurikira:

- Gusura buri kwezi ingo Mbenezamikurire bagapima kandi bagakurikirana imikurire y'umwana, umubyeyi w'umwana agahabwa inama kugira ngo umwana akure neza;
- Gushishikariza ababyeyi bombi b'abana kwitabira igikoni cy'umudugudu no kubigisha gutegura indyo yuzuye byibura rimwe mu kwezi;
- Gutanga ibiganiro bigenewe ababyeyi ku burere buboneye, imirire, ubuzima, n' ibindi, ku bufatanye n' inshuti z' umuryango n' abandi bafatanyabikorwa;
- Gufasha no kohereza ku bigo nderabuzima, abana barererwa mu ngo Mbenezamikurire barwaye;

- Gutahura hakiri kare abana bafite ubumuga, kubohereza ku rwego rwisumbuye no kubakorera ubuvugizi;
- Gutanga raporo yihuse no kohereza ku kigo nderabuzima abana bagaragaweho imirire mibi;
- Gukangurira ababyeyi bose kwitabira serivisi Mbenezamikurire aho zitangirwa hose;
- Gutangira ku gihe raporo ikomatanyije y'ibikorwa Mbenezamikurire bijyanye n'ibipimo byifuzwa;
Gutanga ubutumwa bugamije guhindura imyumvire ku byerekeye imikurire y'abana.

ii. Imikoranire n'inshuti z'umuryango

Inshuti z'umuryango zifite inshingano zo gufasha ingo Mbenezamikurire mu bikorwa bikurikira:

- Gukumira no gutanga ibisubizo ku bibazo bihungabanya uburenganzira bw'abana mu Ngo Mbenezamikurire no mu muryango;
- Gukangurira no guharanira uburenganzira bw'abana, gutanga inama z'ibanze ku miryango iri mu bibazo by'amakimbirane, ishobora kuba iri mu kaga k'ibyaha nk'ubwicanyi cyangwa ibindi bikorwa by'ubugome.
- Gutahura abana bashobora kuba bari mu byago byo kuvutswa uburenganzira bwo kwitabira gahunda y'Ingo Mbenezamikurire, amashuri no gukangurira ababyeyi uburyo buboneye bwo kurera abana hagamijwe kubaka imiryango itekanye;
- Gukangurira abaturage uburenganzira bw'abana n'ibibazo byugarije imiryango bunyuze mu biganiro bihoraho mu muryango, Inteko z'Abaturage n'Umugoroba w'Imiryango;
- Gutanga ibiganiro bigenewe ababyeyi ku burere buboneye, imirire, ubuzima, n' ibindi, ku bufatanye n' umujyanama w'ubuzima n' abandi bafatanyabikorwa;
- Gutanga raporo ku rwego rubifite mu nshingano (nk'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza: RIB) ku icyaha (nk'ihohoterwa) gikorewe abana kikimara kuba no gukomeza kugenzura no gukurikirana abana bakorewe icyaha n'imiryango yabo,
- Gutanga ubufasha bw'ibanze ku mwana wahohotewe, ndetse no guhuza uwahohototewe n'abatanga serivisi zimufasha.

iii. Imikoranire n'abajyanama b' imibereho myiza n' iterambere

i.

Umujyanama w'imibereho myiza afite inshingano zo gufasha ingo Mbenezamikurire mu bikorwa bikurikira:


- Kumenyekanisha gahunda yo gufasha no kurengera abatishoboye kwivana mu bukene ku barezi n'ababyeyi bo mu Ngo Mbenezamikurire.

- Kumva neza ibyifuzo, ibikenewe, imbogamizi, ndetse n'imibereho by'abarezi bava mu ngo ziri mu bukene bukabije zibarizwa mu mudugudu.
- Kumenya neza ko abarezi n'abana bari muri gahunda y'Ingo Mbenezamikurire bahuzwa na serivisi bagenerwa.
- Gutanga raporo no gukorera ubuvugizi abarezi n'abana bafite ikibazo cy'imibereho mibi ku mukazi ushinze imibereho myiza n' iterambere mu kagari.
- Gufasha mu gusuzuma, gukemura no gukurikirana ubujurire n'ibibazo byagaragajwe mu Ngo Mbenezamikurire no gukurikirana ko byasubijwe.
- Gufasha no gukurikirana ishyingirwaho ry'amatsinda yo kwizigama no kugurizanya mu Ngo Mbenezamikurire.
- Guhugura abarezi n'ababyeyi ku byerekeye gahunda zigamije kuzamura imibereho no gukora ibikorwa by'ubukangurambaga
- Gufasha abarezi bari muri gahunda yo kwikura mu bukene mu buryo burambye gutegura mu buryo burambuye gahunda yabo yo kwivana mu bukene, Imihigo n'uburyo bazabigeraho.
- Kugira uruhare rugaragara mu kwihugura no kongera ubumenyi bujyanye n'imikorere na serivisi z' Ingo Mbenezamikurire.

iv. Imikoranire n'inzezo z'ibanze

Inzezo zibanze zifasha Ingo Mbenezamikurire mu bikorwa bikurikira:

- Guhitamo abarezi bo gukora mu ngo Mbenezamikurire y'Abana Bato hubahirizwa imirongo ngenderwaho yatanze n'inzezo bireba.
- Gukangurira imiryango kohereza abana babo bari muni y'imyaka 6 mu Ngo Mbenezamikurire y'abana bato nk'uko amabwiriza abiteganyaga
- Gutoranya aho Ingo Mbenezamikurire y'Abana Bato zizakorera hubahirizwa amabwiriza yatanze n'urwego bireba.
- Gukurikirana no kugira uruhare mu ishyingirwaho ry'abakozi bakurikirana ibikorwa bya Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato.
- Gutanga isoko ry'ibikoresho no gusana iby'ibanze ku Ngo Mbenezamikurire y'Abana Bato cyangwa gutegura no gukurikirana ibikorwa by'imiganda igamije gusana no kubaka ibikorwa remezo by'Ingo Mbenezamikurire y'Abana Bato.



7.1. Gutegura gahunda y'ibikorwa

Mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, gukora gahunda y'ibikorwa ni ingenzi kugirango hagerwe ku ntego ziba zitezwe. Gahunda y'ibikorwa ifasha gutekereza ku bikorwa, igihe bizakorerwa n'abazabikorwa cyangwa abazabigiramo uruhare. Gahunda y'ibikorwa igaragaza kandi n'ubushobozi buzakenerwa, ndetse n'imbogamizi zishobora kuvuka mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda hagamijwe kuzikumira cyangwa gutegura uburyo bwo guhangana nazo.

Imbonerahamwe ikurikira, igaragaza iby'ingenzi byitabwaho mu gutegura gahunda y'ibikorwa ngaruka kwezi na buri gihembwe muri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato.

Ibigenderwaho mu gutegura gahunda ya buri kwezi na buri gihembwe muri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato				
No	Igikorwa	Igihe gikorera	Abagikora	Icyongerwaho
1	Kwita ku bana mu gihe ababyeyi babo bari mu mirimo yabo isanzwe ya buri munsi .	Nibura kuva kuwa mbere kugeza ku wa gatandatu guhera 8h00 kugeza 12h00.	Abarezi b'abana bato.	<ul style="list-style-type: none"> • Bitewe n'imiterere y'akazi k'ababyeyi, bishobora gukenerwa ko mbere yo kujya mu kazi kabo basiga abana mu rugo Mbenezamikirire mbere y'amasaha yavuzwe. Bityo ni ngombwa ko mu gushyiraho amasaha yo gutangira kwakira abana, iki na cyo kirebwaho n'Urugo Mbenezamikirire. • Aho bishoboka abana baba bari mu rugo Mbenezamikirire umunsi wose, kandi Urugo Mbenezamikirire rushobora kwakira abana iminsi irenze itanu mu cyumweru, kimwe n'amasaha arenze ane ku munsi, iyo bishoboka.
2	Gukurikirana imikirire y'abana barerera mu rugo Mbenezamikirire binyuze mu gufata ibipimo by'imikirire.	Bihuzwa n' umunsi icyo gikorwa gisanzwe gikorwaho mu mudugudu Urugo Mbenezamikirire rukoreramo.	Abajyanama b'ubuzima ku bufatanye n'abarezi b'abana bato.	<ul style="list-style-type: none"> • Buri mwana agira aho ibipimo byafashwe byandikwa buri kwezi mu rugo Mbenezamikirire, mu rwego rwo

				gukurikirana uko ibyo bipimo byiyongera cyangwa bigabanuka no gufatanya kw'inzego mu gushaka umuti iyo habonetse ikibazo.
3	Kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye kandi iboneye.	Umunsi umwe mu kwezi ku isaha ababyeyi bumvikanyeho n'ubuyobozi bw'Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato .	Abajyanama b'ubuzima, ku bufatanye n'Ikigo nderabuzima n'abarezi b'abana bato.	<ul style="list-style-type: none"> • Mu nama ihuza abafatanyabikorwa muri gahunda Mbenezamikirire y'Abana bato buri gihembwe ku rwego rw'umurenge hashyirwaho uburyo abajyanama b'ubuzima bazakora iki gikorwa mu ngo Mbenezamikirire zikorera mu kagari n'umurenge, bitabangamiye izindi gahunda bagiramo uruhare. • Nibura umubyeyi umwe muri buri muryango ufite umwana mu rugo Mbenezamikirire yitabira iki gikorwa. Aho bishoboka ababyeyi bombi baritabira.

4	Ibiganiri bigenewe ababyeyi (Reba urutonde rwabyo n'igihe buri kiganiri gitangirwa, ku mugereka)	Ibi biganiri bihuzwa n' igikorwa cyo kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye.	Inshuti y'umuryango, abajyanama b'ubuzima, umurezi w'abana bato ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yatoranyijwe.	<ul style="list-style-type: none"> • Ushinzwe ikurikiranabikorwa n'igenzurabikorwa muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato ku Murenge afatanyije n'ukuriye abarezi b'abana bato, bategura uko ibi biganiri bitangwa.
5	Inama n'ibikorwa by'amatsinda y'ababyeyi.	Ku cyumweru cya mbere n'icya gatatu cy'ukwezi kuva saa munani kugeza saa kumi n'z'igicamunsi.	<ul style="list-style-type: none"> • Ababyeyi bose barerera mu rugo Mbonezamikurire • Abafashamy umvire mu iterambere n'imibereho myiza y'abaturage (Parasocial workers). 	<ul style="list-style-type: none"> • Bigamije iterambere ry'ababyeyi n'iry'Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato muri rusange. • Iyo hari umuganda ukenewe ku rugo Mbonezamikurire niwo baheraho mbere y'ibikorwa bindi nko kwizigamira cyangwa gukora ibijyana n'indi mishinga igamije iterambere ry'ababyeyi n'Urugo Mbonezamikurire. • Ibi ntibikuraho ko ababyeyi bashobora kwemeranya ku kindi gihe cyihariye cyo gukora ikindi gikorwa mu nyungu z'Urugo Mbonezamikurire ku wundi muni iyo bikenewe.

6	Gahunda yo kujyana abana gusura no kwimenyereza ubuzima bwo mu mashuri abanza.	Buri mwaka, umunsi umwe mu kwezi gusoza igihembwe cya kabiri, n'umunsi umwe mu kwezi gusoza igihembwe cya gatatu; ku bana bujuye imyaka itanu (5) mu rugo Mbonezamikurire y'abana bato.	Abarezi b'abana bato ku bufatanye n'ubuyobozi bw' ikigo cy'amashuri abanza cyegeranye n'Uruho Mbonezamikurire.	<ul style="list-style-type: none"> • Bigarukwaho mu nama mpuzabikorwa kuri gahunda Mbonezamikurire ya buri gihembwe ku rwego rw'umurenge kugira ngo ibigo by'amashuri abanza bizagira uruhare muri iki gikorwa byitegure neza iyi gahunda.
